UNIVERSITY of RWANDA

KOLEJI Y'UBUREZI

*ISHURI RY'UBUREZI*

# IVANGANDIMI MU ISHURI RIKURU RY'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO RY'I GISHARI

Cyanditswe na**: UWAMARIYA Jacqueline**

Nomero y'umunyeshuri**: 219015943**

Inyandiko y'ubushakashatsi imurikiwe guhesha nyirayo Impamyabushobozi y'Ubuzobere mu Kinyarwanda n'Uburezi.

Umuyobozi w'ubushakashatsi**: Prof. NIYOMUGABO Cyprien**

Umuyobozi wungirije**: Mr. BAYAVUGE Jules**

Kigali, Gicurasi 2022

# UBUHAMYA

Ngewe, UWAMARIYA Jacqueline ndemeza ko ibikubiye muri uyu murimo w'ubushakashatsi ku nsanganyamatsiko "Ivangandimi mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi ngiro ry'i Gishari" ari umwimerere. Ni umurimo wange bwite kandi ndahamya ko nta handi wakozwe ugamije guhesha nyirawo impamyabushobozi iyo ari yo yose haba muri Kaminuza y'u Rwanda, kaminuza zigenga cyangwa mu bindi bigo. Ahifashishijwe ibitekerezo by'abandi, byaragaragajwe nk'uko biteganywa n'amategeko agenga inyandiko z'ubushakashatsi. Iyi nyandiko kandi yabanje kunyuzwa mu nkoranabuhanga ipima umwimerere w'inyandiko, isanga ari nta makemwa.

Amazina : **UWAMARIYA Jacqueline**

Nomero : **219015943**

Umukono :

Itariki : 23 /5 /2022

## IKEMEZO CY'UMUYOBOZI W'UBUSHAKASHATSI

Ngewe, Prof. Niyomugabo Cyprien, ndahamya ko ubu bushakashatsi bufite umutwe "Ivangandimi mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi ngiro ry'i Gishari" bwakozwe na Uwamariya Jacqueline ari umwimerere kandi ko ari nge wabuyoboye, nkaba ntanze uburenganzira bwo kubumurika.

Uwayoboye ubushakashatsi: Prof. NIYOMUGABO Cyprien

Umukono:…………………………………

Itariki: 25 / 05 /2022

# ITURA

Umugabo wange

Abana bange bose,

Abanyeshuri twiganye

Abavandimwe n'inshuti zange

Abarimu banyigishije

Abayobozi banyoboye,

Iyi nyandiko ndayibatuye

# GUSHIMIRA

Mbere na mbere, ndashimira Imana yaturindiriye ubuzima tukabasha kwiga no gukora uyu murimo w'ubushakashatsi.

Ndashimira by'umwihariko abarimu batuyoboye muri uyu murimo w'ubushakashatsi ari bo Prof. NIYOMUGABO Cyprien na Mr. BAYAVUGE Jules ku bwitange bagize bemera kuyobora ubu bushakashatsi babifatanyije n'izindi nshingano zitari nke basanzwe bafite. Umwanya bigomwe, inama n'ibitekerezo byabo ni byo byatumye tugera kuri iyi ntambwe. Ndabashimiye cyane!

Ndashimira cyane umugabo wange RUZINDANA Gerard wagize uruhare runini mu masomo yange akamfasha no kubona ibyo nasabwaga kugira ngo nige iki kiciro. Ndashimira kandi abana bange bose ari bo IRANKUNDA Honorine, UTAMURIZA Cynthia, RUZINDANA Rosette, HIGIRO Prince, RUZINDANA Lucky Natasha na ISHEJA Happy Bruna. Na bo bagize uruhare rukomeye mu kwiga kwange, barakoze cyane!

Ndashimira cyane abanyeshuri bose twiganye cyane cyane UWERA Marcelline, GATABAZI Bernard, NDAHIMANA Daniel, BAGARAGAZA Jean Prosper, SEKAMANA Abdoul Khalic, MUKAMULIGO Candide, NDAYISHIMIYE Jean Leonard, BIHIRA Innocent, MUSABEYEZU Theogene, SIBOMANA François Xavier, HAHIRWUWIZERA Crispine, UWIZEYIMANA Agnes, UWINEZA Solange, HAKIZIMANA Emmanuel, Dr. NSENGIYUMVA Emmanuel na NGARAMBE Sylvestre. Inama n'inyunganizi byabo byamfashije mu myigire kuva dutangira iki kiciro kugeza kuri uyu murimo.

Mbikuye ku mutima, ndashimira Umuyobozi Mukuru wa IPRC Gishari, CSP David KABUYE, abakozi n'abanyeshuri bo muri iryo shuri ubufatanye bangaragarije bemera ko nkorera ubushakashatsi mu ishuri ryabo kandi bakampa amakuru nari nkeneye nta ngorane.

Reka nsoze nshimira inshuti zange, bagenzi bange dukorana na buri wese wagize uruhare mu myigire yange no mu iyandikwa ry'iki gitabo. Mwarakoze cyane!

# IBIRIMO

UBUHAMYA ........................................................................................................ii
IKEMEZO CY'UMUYOBOZI W'UBUSHAKASHATSI...................................iii
ITURA.................................................................................................................iv
GUSHIMIRA........................................................................................................v
IBIRIMO..............................................................................................................vi
IMPINE Z'AMAGAMBO N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE.................x
URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE...........................................................xi
INSHAMAKE...................................................................................................... xii
ABSTRACT........................................................................................................ xiii
UMUTWE WA I:  INTANGIRIRO RUSANGE..................................................1
1.1.UMWINJIZO .....................................................................................................1
1.2.URUHANDO RW'INYIGO ..............................................................................1
1.3. IMITERERE Y'IKIBAZO.................................................................................3
1.4.INTEGO Z'UMURIMO W'UBUSHAKASHATSI.........................................3
1.4.1.Intego rusange……………………………..……………………………4
1.4.2.Intego zihariye.....................................................................................................4
1.5.IBIBAZO BY'UBUSHAKASHATSI...............................................................4
1.6.Ihitamo  ry'umurimo w'ubushakashatsi n'akamaro kawo..............................5
1.6.1.Ihitamo ry'insanganyamatsiko.......................................................................5
1.6.2.Akamaro k'ubu bushakashatsi.......................................................................6
1.7.IMBAGO Z'UBUSHAKASHATSI..................................................................7
1.8.INKENERAGIHAMYA/ INKEKO..................................................................7
1.9.IBICE BY'INGENZI BIGIZE UMURIMO W'UBUSHAKASHATSI...........7
UMUTWE WA II: UBUSHAKASHATSI BUNDI BWAKOZWE KU NSANGANYAMATSIKO Y'IVANGANDIMI................................................ 9
INTANGIRIRO.....................................................................................................9
2.1.GUSOBANURA INSHOZA Z'IBANZE.........................................................9

2.1.1.Ivangandimi / ivangitiranyandimi................................................................10
2.1.2.Iyinjiranandimi..........................................................................................11
2.2.AMAHANGE...........................................................................................12
2.2.1.Ihange nyamubano (socialinguistic theory)..............................................12
2.2.2.Ihange nyamiterere (structuralism)..........................................................13
2.3.UBUNDI BUSHAKASHATSI BWAKOZWE..............................................13
2.3.1.Ibyakozwe ku ivangandimi.......................................................................13
2.3.2.Ibyakozwe ku iyinjiranandimi...................................................................20
UMUTWE WA III: UBURYO BWAKORESHEJWE MU BUSHAKASHATSI ……22
INTANGIRIRO..............................................................................................22
3.1.ISHUSHO Y’UBUSHAKASHATSI..........................................................22
3.1.1.Isesengura nyabitekerezo..........................................................................23
3.1.2.Isesengura ry'imibare................................................................................23
3.2.AHO UBUSHAKASHATSI BWAKOREWE..............................................23
3.3.ABAREBWA N’UBUSHAKASHATSI......................................................24
3.4.ITSINDA NKESHWAMAKURU.................................................................25
3.5.UBURYO BWIFASHISHIJWE MU GUKUSANYA AMAKURU...............26
3.5.1.Ibaririza nyandiko......................................................................................26
3.5.2.Isesenguranyandiko....................................................................................27
3.5.3.Isesengura ry’ibiganiro binyura ku rubuga rwa “whatsapp”.........................28
3.6.UBURYO BWAKORESHEJWE MU GUSESENGURA AMAKURU.........28
UMUTWE WA IV: ISESENGURAMAKURU...................................................29
INTANGIRIRO..............................................................................................29
4.1.ABASUBIJE IBIBAZO BY’UBU BUSHAKASHATSI...............................29
4.2.IBYAVUYE MU MAKURU YATANZWE N’ABANYESHURI.................31
4.2.1.Ikinyarwanda gikoreshwa muri IPRC Gishari.............................................31
4.2.2.Ivangandimi muri IPRC Gishari n’imiterere yaryo......................................34
4.2.3.Isano hagati y’ivangandimi n’abenerurimi..................................................37
4.2.4.Aho ivangandimi ryiganje.........................................................................38
4.2.5.Igituma abanyeshuri bavanga indimi..........................................................39

4.2.6.Ivangandimi n’ubumenyi bw’ururimi........................................................41
4.2.7.Amagambo ashingiye ku ivangandimi akoreshwa cyane muri IPRC Gishari....................................................................................................42
4.2.8.Isesengura ry’amagambo akomoka ku ivangandimi....................................42
4.3.IBYAVUYE MU MAKURU YATANZWE N’ABAKOZI...........................44
4.3.1.Ururimi rukoreshwa cyane muri IPRC Gishari............................................45
4.3.2.Imyitwarire y’abantu bahuye bazi indimi nyinshi........................................47
4.3.3.Impamvu z’ivangandimi zatanzwe n’abakozi..............................................48
4.3.4.Ingaruka zo kuvanga indimi.........................................................................49
4.3.5.Icyakorwa mu gukemura ikibazo k’ivangandimi.........................................51
4.4.IBYAVUYE MU BIGANIRO BINYURA KU MBUGA ZA “Whatsapp......53
4.5.ISESENGURA RY’IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI…………………54
4.5.1.Kugaragaza ivangandimi muri IPRC Gishari...............................................54
4.5.2.Impamvu zitera ivangandimi muri IPRC Gishari........................................55
4.5.3.Imiterere y’amagambo akomoka kuri iryo vangandimi...............................55
4.5.4.Ingaruka zo kuvanga indimi.........................................................................56
4.5.5.Icyakorwa ngo ikibazo k’ivangandimi muri IPRC Gishari gikemuke..........56
UMUTWE WA V: UMWANZURO RUSANGE, INGAMBA N’IBYIFUZO....57
INTANGIRIRO..................................................................................................57
5.1.IBYAGEZWEHO MU BUSHAKASHATSI.................................................57
5.2.IBYIFUZO N’INGAMBA..............................................................................60
5.2.1.Ibyifuzo n’ingamba byatanzwe n’abakeshwamakuru..................................60
5.2.2.Ibyifuzo n’ingamba bigenewe abenerurimi..................................................60
5.2.3.Ibyifuzo n’ingamba bigenewe abashinzwe uburezi.....................................61
5.2.4.Ibyifuzo n’ingamba bigenewe abandi bashakashatsi...................................61
5.3.UMWANZURO.............................................................................................62
NDANGASOKO................................................................................................63
IMIGEREKA......................................................................................................65
UMUGEREKA WA MBERE.............................................................................66
UMUGEREKA WA KABIRI.............................................................................67

UMUGEREKA WA GATATU.................................................................................69
UMUGEREKA WA KANE......................................................................................71
UMUGEREKA WA GATANU................................................................................72
UMUGEREKA WA GATANDATU..........................................................................80
UMUGEREKA WA KARINDWI...........................................................................81

# IMPINE Z'AMAGAMBO N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE

AE: Agricultural Engineering

AUT: Automobil Technology

C: igicumbi

CBT: Competence Based Training

CE: Civil Engineering

D: indomo

DAS: Director of Academic Services

DSA: Director of Students Affairs

ELT: Electrical and Electronics Engineering

GC: General Courses

GIP: Gishari Integrated Polytechnic

HoD: Head of Department

IDT: Irrigation and drainage Technology

IPRC: Integrated Polytechnic Regional College

RT: indanganteko

SPSS: Statistical Package for the Social Sciences

WDA: Workforce Development Authority

Y1: Year One (umwaka wa mbere)

Y2: Year Two (umwaka wa kabiri)

Y3: Year Three (umwaka wa gatatu)

%: Ku ijana

Ø: akaremajambo kihishe/ ubusa

# URUTONDE RW’IMBONERAHAMWE


*Imb. 1: Abarebwa n’ubushakashatsi*

*Imb. 2: Umubare n’igitsina by’abasubije*

*Imb. 3:Abanyeshuri babajijwe*

*Imb. 4:Abanyeshuri bemeje ko bumva ivangandimi*

*Imb. 5: Ikigero abanyeshuri bumvaho ivangandimi*

*Imb. 6: Uko abanyeshuri babona ivangandimi*

*Imb. 7: Uruhande ababajijwe baherereyeho mu ivangandimi*

*Imb. 8: Ururimi ruhura n’ivangandimi cyane*

*Imb. 9: Abavanga indimi kurusha abandi*

*Imb. 10: Aho bavanga indimi kurenza ahandi*

*Imb. 11: Uko abanyeshuri bitwara igihe baganira n’abayobozi*

*Imb. 12: Ahandi ivangandimi rigaragara*

*Imb. 13: Ubushobozi bwo gusesengurwa kw’amagambo avuka ku ivangandimi*

# INSHAMAKE

Ubu bushakashatsi ku nsanganyamatsiko y'Ivangandimi mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi ngiro ry'i Gishari bwakozwe hagamijwe kwiga ku kibazo k'ivangandimi riboneka muri IPRC Gishari hagamijwe gushakisha no kugaragaza impamvu n'ingaruka zaryo ndetse no gushaka igisubizo k'icyo kibazo. Intego zihariye z'ubu bushakashatsi ni ukugaragaza ivangandimi muri IPRC Gishari, gushakisha no kwerekana impamvu ziritera, gusesengura amagambo arikomokaho, gusuzuma niba kuvanga indimi hari ingaruka bifite, no gushaka icyakorwa mu gukemura ikibazo k'ivangandandimi hagamijwe kubungabunga ururimi rw'Ikinyarwanda.

Uyu murimo ugabanyijemo imitwe itanu ari yo intangiriro rusange, ubushakashatsi bwakozwe ku nsanganyamatsiko y'ivangandimi, uburyo bwakoreshejwe mu bushakashatsi, isesenguramakuru n'umwanzuro rusange, ingamba n'inama.

Ubu bushakashatsi bwagizwemo uruhare n'abanyeshuri ndetse n'abakozi bo mu ishuri bwakoreweho. Hatoranyijwe itsinda nkeshwamakuru kugira ngo haboneke abahagararira abandi mu gutanga amakuru ubu bushakashatsi bwagendeyeho. Iryo tsinda nkeshwamakuru ryatoranyijwe hagendewe ku buryo bwa tombora yoroheje. Iryo tsinda ryari rigizwe n'abakozi makumyabiri n'ikenda n'abanyeshuri ijana na mirongo itanu na barindwi batoranyijwe mu dushami twose.

Ikusanyamakuru ryakozwe mu buryo bw'ibibazo byanditse ku mpapuro n'ibibazo biteguwe ku buryo bw'ikoranabuhanga. Amakuru yakusanyijwe yasesenguwe hifashishijwe uburyo nyabitekerezo n'isesengura ry'imibare. Isesengura ry'imibare ryakoresheje inkoranabuhanga yitwa "SPSS". Isesenguramakuru ryagaragaje ko ari abakozi ari n'abanyeshuri biyemereye ko bavanga indimi kandi ko ivangandimi atari umwihariko wo muri IPRC Gishari.

Umwanzuro rusange wagaragaje muri make ibyavuye mu bushakashatsi, ibyifuzo n'ingamba kandi ukingurira amarembo abandi bashakashatsi bifuza gukomereza kuri ubu bushakashatsi ndetse no gukora ubundi bushakashatsi bugamije gukemura ikibazo k'ivangandimi.

# ABSTRACT

The present research intitled "**Ivangandimi mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyingiro ry'i Gishari**" aimed at investigating the level of language mixing, its causes and effects on Kinyarwanda language. The following are specific objectives of this work: identify languages and words used by the students and staff in IPRC Gishari, find out the causes of language mixing, their effects and confirm whether the issue is found in IPRC Gishari only or elsewhere.

This work is devided into five chapiters followed; general introduction, literature review, methodology, data collection and analysis and general conclusion.

We have selected the sample from IPRC Gishari population using the sample random technique and data are collected from twenty nine staff and one hundred fifty seven students; each department was represented.

Data collection has been done using questionnaire and google form and data collected were analysed using qualitative and quantitative analysis. For quantitative analysis, we use the software called Statistical Package for the Social Sciences (SPSS), looking at frequencies and percentages of how a given answer is repeated. The data revealed that both staff and students mix languages in their every day conversations and confirm that the case is not for IPRC Gishari only.

General conclusion presents overview of the research, suggestions and recommendations. It also opens for futher research for those who wish to go on with this research or to conduct another research in order to address language mixing problem.

# UMUTWE WA I:  INTANGIRIRO RUSANGE

## 1.1. UMWINJIZO

Inteko Nyarwanda y'ururimi n'Umuco (2015a: 9) bavuga ko Ikinyarwanda ari ururimi kavukire rw'Abanyarwanda, rukaba ururimi nyagihugu na rumwe mu ndimi z'ubutegetsi zikoreshwa mu Gihugu cy'u Rwanda. Ikinyarwanda ni ingobyi y'umuco nyarwanda; ni rwo rurimi runyuzwamo indangagaciro nyarwanda na za kirazira z'umuco nyarwanda mu kubitoza abana b'Igihugu. Ikinyarwanda gifite umwanya ukomeye mu mibereho y'Abanyarwanda, ni rwo rurimi rubaha ubushobozi bwo kumenya ibibera ku isi, rukabafasha gusabana, kungurana ibitekerezo, guhana ubutumwa no kugaragaza imbamutima zabo. Nk'uko Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2015b: 15) babivuga, ururimi ni rwo rutuma abantu bumvikana bagashobora kubana. Abavuga Ikinyarwanda bose si ko ari rwo rurimi rwonyine bazi cyangwa bakoresha. Abenshi baba bazi n'izindi ndimi, bamwe barazigiye mu mashuri abandi barazigiye ku bazivuga. Ibyo rero bituma Ikinyarwanda kigenda gihura n'izindi ndimi kikaba cyanavangwa na zo. Mukama na Nkusi (2019) bavuga ko ururimi kavukire rw'Ikinyarwanda rwumva n'abantu benshi kandi bakanarwisanzuramo cyane kurusha izindi ndimi zikoreshwa mu Rwanda. Ibi bigaragaza ko Ikinyarwanda kidakoreshwa cyonyine ahubwo ko kibana n'izindi ndimi.

## 1.2. URUHANDO RW'INYIGO

Mu buzima bwa muntu, ururimi ni igikoresho cy'ubwumvane cyangwa k'ihanamakuru gifasha muntu kubana no gushyikirana n'abandi. Umuhanga mu iyigandimi w'Umufaransa André Martinet mu gitabo ke *Eléments de Linguistique générale* (1970:  20-21) avuga ko *"Une langue est un*

*instrument de communication selon lequel l'expérience humaine s'analyse, différemment dans chaque communauté, en unités douées d'un contenu sémantique et d'une expression phonique, les monèmes; cette expression phonique s'articule à son tour en unités distinctives et successives, les phonèmes, en nombre déterminé dans chaque langue, dont la nature et les rapports mutuels diffèrent eux d'une langue à l'autre. Mu Kinyarwanda bishatse kuvuga ko* buri rurimi rwihariye mu miterere yarwo. Cyakora ko icyo indimi zose zihuriraho ari uko buri rwose rugizwe n'ibimenyetso bikurikiranye, byumvikana mu ijwi kandi ibyo bimenyetso bikagira igisobanuro bigushaho abenerurimi bumva bakagira icyo bisobanuriramo.

Kuri mwene muntu rero, mu muryango muto cyangwa waguye ururimi ni inkingi ndakuka mu mushyikirano hagati y’itsinda ry’abantu babana mu muryango nyarurimi uwo ari wo wose. Umuntu aravuka, agahura n’ururimi mu muryango. Urwo rurimi umuntu asangana abo asanze ni rwo rwitwa ururimi kavukire.

Ururimi kavukire umuntu aruvuga arukomoye mu muryaango avukamo, akuriramo, arwigishijwe n’abo babana kugira ngo arwifashishe mu gushyikirana n’abo babana n'abamukikije ba hafi. Mukama na Nkusi (2019) bavuga ko ururimi kavukire rufasha umuntu kumenya izindi ndimi. Bakomeza kandi bavuga ko umuntu agomba kubanza kumenya ururimi rwe kavukire mbere yo kwifuza kumenya iz’ahandi; urwe ni rwo rushobora kumufasha kumenya iz’ahandi.

Inteko Nyarwanda y’Ururimi n’Umuco (2015a: 9) batwibutsa ko Ikinyarwanda ari ururimi kavukire rw’Abanyarwanda, ko ari ingobyi y’umuco kikaba n’isoko y’ibitunga n’ibiteza imbere Abanyarwanda. Mu Kinyarwanda ariko baravuga ngo: "Agahugu umuco, akandi umuco". Ese

iyi mvugo yaba ihura no kuvuga ngo: "Agahugu ururimi, akandi urwako?" Niba twe Abanyarwanda dufite amahirwe yo kugira ururimi ruduhuza twese, Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2015a), bigenda bite iyo urwo rurimi ruhuye n'izindi twagiye twiga?

## 1.3. IMITERERE Y'IKIBAZO

Iyo abantu bazi indimi nyinshi, mu kuganira akenshi na kenshi barazivanga ndetse ugasanga n'amagambo bakoresha, ijambo rimwe ribonekamo indimi ebyiri zitandukanye. Twizeyimana (2011: 55) agaragaza ukuntu mu nteruro ijambo rimwe rishobora kugaragaramo kamere y'indimi ebyiri agatanga urugero rw'interuro irimo ijambo "baramonitaringa". Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2015a: 31) babyita itirandimi rihutiyeho bisobanura gutira amagambo mu zindi ndimi kandi hatabuze aboneye yakoreshwa. Ni itira ridakenewe. Mu ngero batanga hari aho abantu bavuga ngo: " akajya gusipendinga (to spend) amafaranga" kandi ijambo gusesagura cyangwa gutagaguza rihari. Mu ijambo "gusipendinga" na ho hahuriyemo Ikinyarwanda n'Icyongereza. By'umwihariko ivangandimi twarisanze aho twigisha mu kigo cy'amashuri cya IPRC GISHARI hagati y'abanyeshuri n'abandi banyeshuri, hagati y'abakozi n'abandi ndetse no hagati y'abanyeshuri n'abakozi. Ni cyo cyaduteye amatsiko yo kwiga byimbitse ku ivangandimi muri iryo shuri, dushaka kumenya ikiribatera ndetse no gusesengura amagambo bakoresha aba yavutse ku ndimi zitandukanye.

## 1.4. INTEGO Z'UMURIMO W'UBUSHAKASHATSI

Umurimo wacu wagendeye ku ntego rusange n'intego zihariye hagamijwe gusubiza ibibazo byibazwa ari na byo byatumye ubu bushakashatsi butekerezwa.

### 1.4.1. Intego rusange

Intego rusange y'ubu bushakashatsi ni iyi ikurikira:

Kwiga ku kibazo k'ivangandimi riboneka muri IPRC Gishari hagamijwe gushakisha no kugaragaza impamvu n'ingaruka zaryo ndetse no gushaka igisubizo k'icyo kibazo.

### 1.4.2. Intego zihariye

Intego zihariye z'ubu bushakashatsi ni izi zikurikira:

- Kugaragaza ivangandimi muri IPRC Gishari;
- Kugaragaza impamvu zitera ivangandimi muri IPRC Gishari
- Gusesengura imiterere y'amagambo akomoka ku ivangandimi
- Kugaragaza ingaruka zo kuvanga indimi
- Gushaka icyakorwa mu gukemura ikibazo k'ivangandandimi hagamijwe kubungabunga ururimi rw'Ikinyarwanda.

## 1.5. IBIBAZO BY'UBUSHAKASHATSI

Ubu bushakashatsi bugamije gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Ese muri IPRC Gishari hagaragara ivangandimi? Wowe ubwawe waba uvanga indimi?

2. Ni iki gitera abanyeshuri n'abakozi bo muri IPRC Gishari kuvanga indimi ?

3. Amagambo akomoka kuri iryo vangandimi yasesengurwa ate?

4. Ese kuvanga indimi hari ingaruka byaba bifite? Niba zihari ni izihe?

5. Hakorwa iki ngo ikibazo k'ivangandimi muri IPRC Gishari gikemuke?

## 1.6. IHITAMO RY’UMURIMO W’UBUSHAKASHATSI N'AKAMARO KAWO

Iki gice kigamije gusobanura impamvu yatumye duhitamo gukora ubushakashatsi kuri iyi nsanganyamatsiko ndetse n’akamaro ubu bushakashatsi buzagira.

### 1.6.1. Ihitamo ry’insanganyamatsiko

Twahisemo iyi nsanganyamatsiko kubera ko twigisha muri icyo kigo tukaba twariyumviye neza ko amagambo n'ururimi imbaga y'abakozi n'abanyeshuri bakoresha atari Ikinyarwanda cy'umwimerere. Ni indimi zitandukanye zivanze ndetse n’amagambo y’indimi yinjiranamo. Izo ndimi ahanini ni izo abanyeshuri bize kandi n’ubu biga mu mashuri yabo, izivugwa mu miryango babamo cyangwa n'abandi bahura na bo ndetse n’izo bamwe na bamwe bamenyeye aho bagiye batemberera maze zikivanga n'ururimi kavukire rwabo ari rwo Kinyarwanda. Tukaba rero muri uyu murimo twarashatse kumenya no gushira amatsiko y'uburyo n'impamvu bariya banyeshuri n'abakozi bo mu Ishuri Rikuru ry’Imyuga n’Ubumenyi ngiro ry’i GISHARI bavanga indimi n’uko bazikoresha.

Bitewe kandi n’uko nta mirimo myinshi ya gihanga yakozwe mu rwego rwa za Kaminuza zacu mu Rwanda ku ivangandimi n’iyakozwe kuri bene iryo vangandimi ikaba yarakorewe muri za kaminuza z’ahandi kandi igakorwa mu zindi ndimi hatarimo Ikinyarwanda, aha twavuga nk’umurimo wakozwe na Niyomugabo Cyprien witwa “Dynamique des Langues au sein du Collège de l’Education de l’Université du Rwanda”, hari kandi ubushakashatsi bwakozwe na Gafaranga Joseph, bufite umutwe yise “ Code Switching/ Code mixing or Kinyarwanda for all practical purposes: The base language issue”, hari n’ubwakozwe na Twizeyimana Télesphore,

“Impact of Code Switching on The Quality of Interpreting: The Case of Rwandan Parliament”. Si ubwo gusa kuko hari n’umurimo wa Nsengiyumva Emmanuel, Nsanzabiga Eugène, Shyirambere Spridio, Inteko Nyarwanda y’Ururimi n’Umuco n’abandi ariko bose banditse mu zindi ndimi. Twibajije uko iyo mirimo yagera ku Banyarwanda bose n'abatazi izo ndimi n’uko iyo mirimo yamara impungenge Abanyarwanda bazi Ikinyarwanda gusa. Ibyo bituma duhitamo gukora uyu murimo mu Kinyarwanda kugira ngo tuzibe icyo cyuho kandi tumare impungenge abavuga ko ururimi rwacu rwugarijwe muri iki gihe.

### 1.6.2. Akamaro k’ubu bushakashatsi

Twibaza ko umusanzu w'ibyo ubushakashatsi bwacu bwagezeho uzasubiza ikibazo ingeri zose z'Abanyarwanda, abato, abakuru, abize n’abatize bibaza ku mikoreshereze y'indimi mu Rwanda, by'umwihariko Ikinyarwanda cyacu, abenshi bemeza ko cyazahajwe ndetse kenda kumirwa n'indimi mvamahanga, Inteko Nyarwanda y’Ururimi n’Umuco (2015a: 6). Ibi se byaba ari umwihariko w'urubumbambaga rwo mu Ishuri Rikuru ry’Imyuga n’Ubumenyingiro ry’i GISHARI cyangwa n’ahandi birahaboneka? Dukeka ko twifashishije ibitabo n'izindi nyandiko zitandukanye zasohowe n'abahanga zivuga ku by'ivangandimi (zimwe tumaze kuzivuga mu gice kibanziriza iki) by'umwihariko tugendeye no ku byavuye mu bushakashatsi bwacu (ibisubizo by'ibibazo twabajije n’ibyo twiyumvira) tuzamara Abanyarwanda impungenge ko atari ibintu bidasanzwe byagaragaye mu rurimi no mu muco wabo honyine. Ikindi kandi, inama n’ibyifuzo ku mikoreshereze y’indimi bizagirira akamaro abakoreshaga indimi mu buryo butaboneye kubera kudasobanukirwa. Uyu murimo kandi ni umusanzu wo kuziba icyuho kiri mu bushakashatsi ku ivangandimi kuko aho bwakozwe bwagiye bukorwa mu zindi ndimi zitari Ikinyarwanda.

## 1.7. IMBAGO Z'UBUSHAKASHATSI

Ubushakashatsi bwacu bwakorewe mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi Ngiro ry'i Gishari, mu Karere ka Rwamagana, Intara y'Uburasirazibu. Muri rusange twabukoreye ku kigo cyose, tureba imvugo n'inyandiko by'abanyeshuri n'abakozi baho.

Ku bijyanye n'igihe, ubu bushakashatsi bwakozwe mu mwaka wa 2021 hagendewe ku mabwiriza ya kaminuza y'u Rwanda yari ariho muri icyo gihe.

## 1.8. INKENERAGIHAMYA/ INKEKO

Ubu bushakashatsi bwakorewe kugaragaza ukuri kw'inkeko zikurikira:

1. Mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi Ngiro ry'i Gishari hakoreshwa ivangandimi cyane kubera ko muri iryo shuri hahuriye abantu benshi kandi bavuga indimi zitandukanye;
2. Hari amagambo avuga ibijyanye n'ikoranabuhanga atarabonerwa inyito mu Kinyarwanda bityo bakayavuga bayavanga n'Ikinyarwanda.
3. Gukoresha imbuga nkoranyambaga bituma abanyeshuri bo muri IPRC Gishari bavanga indimi cyane kubera gushaka kwigana ibyo basanga kuri izo mbuga.

## 1.9 IBICE BY'INGENZI BIGIZE UMURIMO W'UBUSHAKASHATSI

Uyu murimo wacu wubakiye ku bice bitanu by'ingenzi. Igice cya mbere ari cyo ntangiriro rusange kibanda ku miterere y'ikibazo, intego z'ubushakashatsi, isobanurampamvu n'akamaro by'ubushakashatsi, uburyo bwakoreshejwe, imipaka ndetse n'ibice by'ingenzi bigize umurimo w'ubushakashatsi. Mu gice cya kabiri, kugira ngo twirinde gusubira mu byo

abandi bakoze no kugira ngo dushake ubumenyi buhagije kuri iyi nsanganyamatsiko, twarasomye, turashakashaka tunavuga muri make ibyo abandi bashakashatsi bagezeho ku nsanganyamatsiko zifitanye isano n’iyacu. Igice cya gatatu kitwa uburyo ubushakashatsi bwakozwemo, ni ho tugaragaza uburyo, ubwenge twakoresheje n'inzira zose twanyuzemo kugira ngo tubashe kugera ku ntego z'umurimo wacu w'ubushakashatsi. Naho igice cya kane, ari na wo murimo nyirizina ni ikubirahamwe ry'ibyagezweho n'icyo bihatse. Ni ukuvuga uko tubisobanura ubwacu. Naho igice cya gatanu ni umwanzuro rusange n'ibikwiye gukorwa cyangwa kwitonderwa; ibyifuzo n’ingamba.

# UMUTWE WA II: UBUSHAKASHATSI BUNDI BWAKOZWE KU NSANGANYAMATSIKO Y'IVANGANDIMI

## INTANGIRIRO

Mu rwego rwo kwirinda gusubiramo ibyo abandi bakoze ndetse no kubona amakuru ahagije ku nsangamatsiko ikorwaho ubushakashatsi, ni ngombwa kubanza kureba ibyo abandi bashakashatsi bakoze. Mukama na Nkusi (2019:84) babivuga neza aho bagaragaza ko umushakashatsi atabona ifatiro ry'ubumenyi bushya, adashobora kumenya ko hari igishya azanye cyangwa se ko hari ibisobanuro by'inyongera ashyize ahagaragara adahereye ku byo abandi banditse. Kubera izo mpamvu rero, natwe twasomye ubushakashatsi bwakozwe n'abandi ku nsangamatsiko zifitanye isano n'iyacu. Uyu mutwe wa kabiri ugizwe n'ibice bitatu. Igice cya mbere kirasobanura amagambo nyobozi y'iyi nsanganyamatsiko, igice cya kabiri kiragaragaza amahange yagendeweho muri ubu bushakashatsi naho igice cya gatatu kikerekana ubundi bushakashatsi bwakozwe kuri iyi nsanganyamatsiko.

## 2.1. GUSOBANURA INSHOZA Z'IBANZE

Iki gice kirasobanura amagambo y'ingenzi ubu bushakashatsi bushingiyeho kugira ngo abazabusoma bazabashe kumva no gusobanukirwa ibirimo bitabagoye. Mu gusobanura amagambo rero, haraherwa ku ijambo dusanga mu mutwe w'ubu bushakashatsi ari ryo "ivangandimi" n'andi bifitanye isano.

### 2.1.1. Ivangandimi / ivangitiranyandimi

Ivangandimi rishingiye ku ihura ry'indimi nyinshi zikoreshwa mu muryaango w'abantu bahuriye hamwe kandi bakeneye guhâana amakuru ariko mu kuvuga bagakoresha indimi zitandukanye (Twizeyimana, 2021). Uko gukenera guhâana amakuru no kuvuga bakoresha indimi zitandukanye ni ko gukurura ivangandimi.

(Nuranindya, 2011) avuga ko ivangandimi ari imikoreshereze y'indimi ebyiri mu nsangamatsiko imwe bikaba bishobora kugaragara mu nteruro imwe aho igice cyayo kimwe kivugwa mu rurimi rumwe ikindi kikavugwa mu rundi rurimi.

Ijambo ivangandimi ryo riramenyerewe mu Kinyarwanda. Gusa abenshi cyangwa se bose, kugeza ubu, mu Kinyarwanda barikoresha iyo uvanga indimi mu nteruro cyangwa se uzivangira mu ijambo rimwe. Ibintu twe dusanga bigomba gutandukanywa. Ni yo mpamvu, mu murimo wacu, ivangandimi cyangwa ivangitiranyandimi rigomba gufatwa nk'interuro imwe ivangiyemo indimi nyinshi. Urugero rwatanzwe na Twizeyimana (2011:53) "*Nakoze muri RÉGIE DES AÉROPORTS, uyu munsi yitwa Civil Aviation Authority"*.

Undi mushakashatsi wanditse ku ivangandimi na we akabona ko iryo vanga rishobora kubera mu nteruro imwe ni Gafaranga Joseph; urugero rubigaragaza yatanze ni "…*babyita <u>local government</u> (.) <u>local authority</u> donc ni nka <u>municipalité</u> c'est ça (.) municipalité ya hano ni yo yamuhaye bourse."*

Muri uyu murimo rero, icyo twita Ivangitiranyandimi ni uburyo uvuga ashobora gukoresha mu nteruro imwe amagambo aturuka mu ndimi ebyiri cyangwa nyinshi zitandukanye.

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2015a: 29) basobanura ko kuvanga indimi ari ugukoresha indimi zitandukanye mu kiganiro kimwe cyangwa mu nteruro imwe. Batanga ingero zirimo aho umuntu avuga atya: "ku bijyanye na statut yacu na personnalité juridique..." mu Kinyarwanda yari kuvuga ngo: " ku bijyanye n'amategeko shingiro n'ubuzimagatozi..."

### 2.1.2. Iyinjiranandimi

Ijambo rimwe dushobora kurisangamo kamere y'Ikinyarwanda na kamere y'urundi rurimi. Twizeyimana (2011: 55) abigaragaza mu nteruro igira iti: "*Ariko ndagira ngo bijye muri private sector, Polisi ize nka regulators ari bo bareba ngo baramonitaringa niba bikorwa neza."* Iyi nteruro iragaragaramo ivangandimi n'iyinjiranandimi icyarimwe. Abashakashatsi Berthold, Mangubhai na Batorowicz (1997) basobanura iyinjiranandimi nk'uburyo bwo gukoresha uturango tw'ururimi uru n'uru mu rundi rurimi. Ni byo bise "l*anguage interference*" bikaba bishobora kuba ku rwego rw'iyigamajwi, iyigamvugo n'urw'ikibonezamvugo muri rusange. Ibi ariko bitandukanye n'itira kuko ryo rigira amategeko arigenga. Twilingiyimana (1994) avuga ko uburyo bwo kwemerwa kw'amagambo y'amatirano yinjira mu Kinyarwanda butandukanye hashingiwe ku ndimi ayo magambo atirwamo.

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2015a: 30-31) baryita itirandimi rihutiyeho. Ingero batanga zigaragaza ko ijambo rimwe rishobora guhurizwamo uturemajambo cyangwa uduce dukomotse mu ndimi zirenze rumwe. Mu ngero batanze harimo aho umuntu agira ati: "Umekinge shuwa ( make sure) ko yagiye." Yakabaye avuga ati: " ugenzure cyangwa urebe neza ko yagiye."

Niba ijambo rimwe rishobora gukomoka ku ndimi zirenze rumwe, twakwibaza imiterere y'uturemajambo turigize. Ubushakashatsi butandukanye bwakozwe ku miterere y'amagambo, bugaragaza uturemajambo tw'amagambo anyuranye harimo n'amazina.

Bizimana n'abandi bashakashatsi (1998) bavuga ko izina rigira uturemajambo dutatu tw'izina ari two indomo, indanganteko n'igicumbi. Mbarukuze (2009) na we yagaragaje ko izina rigira uturemajambo dutatu ari two indomo, indanganteko n'igicumbi. Twakwibaza niba izina ryakomotse ku iyinjiranandimi na ryo ryagaragaza utwo turemajambo kandi riba rifite kamere y'indimi zirenze rumwe.

## 2.2. AMAHANGE

Ubu bushakashatsi bwagendeye ku ihange nyamubano ndetse n'ihange nyamiterere.

### 2.2.1. Ihange nyamubano (socialinguistic theory)

Umushakashatsi Nicolas (1998:1) avuga ko inkomarume z'iri hange ry'iyigandimi nyamubano ari William Labov, Gumperz na Hymes. Iyigandimi nyamubano ni ubumenyi bwiga uko abantu mubana bashobora guhindura imivugire yawe. Busuzuma kandi ingaruka zishobora kuba ku rurimi zishingiye ku muco no ku mibanire y'abantu.

Twahisemo kugendera kuri iri hange kubera ko abakoreweho ubu bushakashatsi bahuriye mu kigo k'ishuri kandi tukaba twumvise ko iri hange ryiga ukuntu abantu bashobora guhindura imivugire y'abo bari hamwe. Ikindi kandi abakozi twakoreyeho ubushakashatsi bahuje umwuga kandi bize indimi zitandukanye, abanyeshuri na bo mu byo biga harimo n'indimi.

### 2.2.2. Ihange nyamiterere (structuralism)

Mu kwiga ururimi baheera ku miterere yarwo. Bashobora guhêera ku majwi, imigemo, uturemajambo, amagambo bakagera no ku nteruro.

Iri hange twahisemo kurikoresha muri ubu bushakashatsi kugira ngo turyifashishe tureba imiterere y'amagambo avuka ku iyinjiranandimi.

## 2.3. UBUNDI BUSHAKASHATSI BWAKOZWE

Iki gice kiragaragaza ibyo abandi bashakashatsi bakoze ku ivangandimi no ku zindi nsanganyamatsiko zifite aho zihuriye n'ivangandimi ndetse n'iyinjiranandimi.

### 2.3.1. Ibyakozwe ku ivangandimi

Twahera ku murimo w'ubushakashatsi w'ikubitiro wa Shyirambere (1978) *Contribution à l'étude de la sociolinguistique du bilinguisme kinyarwanda et français au Rwanda.* Ni umurimo wari ugenewe guhesha nyirawo impamyabumenyi y'ikirenga (Doctorat) wamurikiwe i Paris mu Bufaransa mu mwaka 1978. Nk'uko na we abyivugira ni wo murimo wa mbere w'ubushakashatsi wakozwe ku ihura ry'indimi mu Rwanda no ku Rwanda: "Comme notre étude d'interférences linguistiques est la première de ce type à avoir été menée au Rwanda, nous examinerons les facteurs externes, linguistiques et non linguistiques"(1978) Duhinduye mu Kinyarwanda dusanga yaravuze atya: "Kubera ko ubushakashatsi bwacu ari bwo bwa mbere bukozwe ku ihura ry'indimi mu Rwanda, tuzasesengura impamvu ziritera, impamvu nyarurimi n'izitari nyarurimi". Muri uwo murimo, twemeranya na Shyirambere aho avuga ko indimi z'amahanga muri rusange zadukanywe mu Rwanda n'Abakoloni. By'umwihariko, yifashishije urugero

rw'Igifaransa kuko ari rwo rusa n'urwabanje kuza kwiyongera ku Kinyarwanda, mu Banyarwanda kuko Abadage batamaze igihe kirekire mu Gihugu. Yemeza ko indimi z'amahanga mu Rwanda zamamajwe n'amashuri aho atangiriye mu Rwanda. Imvugo ya Shyirambere ihura neza n'ibyo tubona mu Rwanda, kuko muri rusange abavanga indimi cyane ari abanyeshuri, nk'uko biboneka mu banyeshuri bo mu ishuri twakoreyeho ubu bushakashatsi ndetse n'abarimu babo.

Ikintu gikomeye uyu mushakashatsi yakoze ni uko yerekana uko indimi zivanga cyangwa zitira agendeye kuri buri gice cy'ubuzima bw'igihugu nk'ubuvuzi ukwabwo, ubuhinzi ukwabwo, ubworozi n'ibindi. Ibi byakorohereza uwashaka kumenya uko bavangaga cyangwa bagatira mu ndimi runaka mu gice runaka cy'ubuzima. Ariko inenge irimo ni uko ahagararira ku Gifaransa n'Ikinyarwanda gusa. Twe rero twagaragaje ivangandimi mu buryo bwaguye: Igifaransa n'Ikinyarwanda; Icyongereza n'Ikinyarwanda ndetse n'izindi ndimi tuzumvamo usibye ko iz'ingenzi ari izo ngizo. Ku ipaji ya 479, aduha ingero z'ivangitiranyandimi (Igifaransa n'Ikinyarwanda) yifashishije ifatamajwi, mu kiganiro cy'Abaseminari bo mu wa kabiri no mu wa mbere bagiranaga baje gusura inzu ndangamurage ya INRS i Butare, mu mwaka w'1970. Dore interuro yafashe nk'uko tuzisanga ku ipaji ya 479 y'igitabo ke:

-Nibishoboka tuge muri grand séminaire.

-Hehe?

-Mu Nyakibanda.

-Mais c'est presque tout près, dore ngahariya hirya!

-M'enfin igisigaye ubu ngubu ni ukujya kureba autobus, iminota itanu igiye gushira.

-Harya autobus iraza ryari? Iraza quatre heures? Gihe ki?

-Quatre heures ishigaje itanu niho igenda. Sindeba tugifite du temps?

-Nta horaire za autobus zigira.....Autobus zo mu Rwanda ... ni irréguliers cyane

Ibi biratwereka neza ko abantu babiri cyangwa benshi baganira bahuje ururimi rw'ibanze n'urundi baziranyeho bize mu ishuri bitoroshye ko baganira batavanga izo ndimi.

By'umwihariko, iyi mena mu bashakashatsi mu Rwanda ku ihura ry'indimi, itwereka neza, bishobora kuba bitandukanye n'ivangandimi ryo muri iki gihe mu Rwanda, ko bavangaga indimi mu bangana kandi bahuje urwego rw'imibereho, agashimangira ko iyo ubwira abo wubashye n'abakuyobora ugomba gukoresha ururimi rumwe: "Au contraire, pour s'adresser à des supérieurs hiérarchiques, à des personnes plus agées, on emploie généralement une seule langue dans le discours" (1978: 478). Mu Kinyarwanda bisobanuye ko iyo umuntu abwira abayobozi, cyangwa se abantu bakuru, ubusanzwe agomba gukoresha ururimi rumwe. Ese abanyeshuri n'abakozi bo muri IPRC GISHARI baba na bo ari ko babyitwaramo? Ni byo twarebye mu gice k'isesenguramakuru.

Hari umurimo kandi wa Cyprien Niyomugabo witwa "Dynamique des langues au sein du Collège de l'Education de l'Université du Rwanda" wasohorewe muri *Synergies Afrique des Grands Lacs* no 5 (p47-58) mu mwaka wa 2016. Muri uwo murimo, umushakashatsi agerageza kwerekana amatsinda y'abantu bakoresha Ikinyarwanda muri CE (College of Education) agatunga agatoki itsinda rya gatatu aho yemeza ko iryo tsinda ryivugira Ikinyarwanda kivanzemo izindi ndimi nyinshi: "*Cette catégorie parle un Kinyarwanda melé de l'Anglais, du Français, du Kiswahili ou*

*d'autres langues africaines de leurs anciens pays*" (2016, 50) Dore uko bisobanura mu Kinyarwanda “Icyo kiciro kivuga Ikinyarwanda kivanze n’Icyongereza, Igifaransa, Igiswayire cyangwa izindi ndimi nyafurika zivugwa mu bihugu bahoze batuyemo”. Anagaragaza kandi ko abo bantu bo muri CE bavuga Ikinyarwanda n'izindi ndimi bari mu ngeri zitandukanye z'Abanyarwanda cyangwa ababa mu Rwanda:

*Il s'agit des autorités et hauts cadres, les enseignants, des étudiants et du personnel technique et d'appui du Collège. Dans cette catégorie, nous classons tous les expatriés qui apprennent le Kinyarwanda par des cours intensifs qu'ils suivent au CE ou ailleurs. Ils étudient le Kinyarwanda pour des raisons d'intégration sociale et ils en ont une connaissance limitée*"(2016, 50).

Uyu mushakashatsi w'Umunyarwanda na we abona, by'umwihariko, mu gice k'isi ya Siporo, ururimi rwihariye rutari Igifaransa ntirube Ikinyarwanda, Icyongereza cyangwa Igiswahili muri CE: "*Dans le cadre des rencontres sportives au CE, le Kinyarwanda vient largement en tête (à 47%), le Kiswahili occupe la deuxième position (41%), le Français et le kinyafrançais et kinyenglish, la troisième position, avec 12%*" (2016, 56).

Mu kwanzura ubwo bushakashatsi bwe, Niyomugabo agaragaza ko indimi zidakwiriye kubangikana zishyamiranye mu gihugu, ahubwo ko zikwiye kubana mu bwuzuzanye. Gusa aha ntitwabura kwibaza ku guturana n'ukuzuzanya kw'indimi ashimangira niba ari ivangitiranyandimi mu nteruro cyangwa iyinjiranandimi nk'uko tubonye aho abikoresha, ndetse birimo no kuvanga indimi aho yasanze bamwe bakoresha indimi zigoye kubonera inyito yise "kinyafrançais" cyangwa "kinyenglish". Bishobora ariko kuba ari no kuzuzanya mu mirimo yazo!

Igisubizo icyo cyaba ari cyo cyose muri ibyo bibiri, ubushakashatsi burakomeza kandi akenshi buruzuzanya. Bityo uwitwa Nsengiyumva Emmanuel, mu nyandiko ye isoza amashuri y'ikirenga, yakoreye muri Université ya Queen's muri Canada, mu mwaka wa 2015, inyandiko yise *Esthètique du métissage dans l'oeuvre romanesque d'Henri Lopes*, na we mu mitwe myinshi y'icyo gitabo agaruka ku kibazo k'ivangitiranyandimi muri rusange. Mu bushakashatsi bwe yifashishije n'amahange agezweho muri iki gihe mu by'imikoreshereze y'indimi, urugero nk'amahange mvanganzo ya nyuma y'ivutsabushya (Postmodernité), n'intekerezo z'abahanga mu by'indimi yemeza adashidikanya ko umuntu wese wahuye n'indimi nyinshi atabura kuzivangitiranya cyangwa ngo akoreshe iyinjiranandimi. Ni byo byumvikana iyo avuga ku mvugo n'inyandiko z'Abanyafurika muri rusannge zo mu gihe k'ivutsabushya. Ahereye ku mvugo zigaragara mu nkuru ndende zanditswe muri ibi bihe agira ati: "*Le roman francophone des années 1990 nait dans une période qui voit naître le dévéloppement des mouvements migratoires engendrant les métissages.*" (2015, 3). Tugenekereje mu Kinyarwanda bivuga ko inkuru ndende zo mu Gifaransa zo muri za 90 zavutse mu gihe iyimuka ry'abantu bajya mu mahanga ryagendaga rifata indi ntera, ibyo bigatuma habaho abantu b'impu zombi. Ibi binahura neza n'ibyo Nsanzabiga avuga ko Abanyarwanda bahunze bagahunguka nta kuntu batavuga urumi rw'ikivangitirane, rurimo udusigisigi tw'Ikinyarwanda cyabo n'udusigisigi tw'indimi z'aho babaga mu mahanga. Urwo rujya n'uruza rw'abantu mu bihugu, mu mico n'indimi zitandukanye, ntirubura icyasha cy'ururimi ku warubayemo. Aha twanakongeraho ko iterambere ry'uyu munsi n'isi ya none yabaye umudugudu aho tugomba guhura mu buryo butandukanye n'abantu b'amahanga atandukanye (ubucuruzi kuri interineti, amashuri mu mahanga hifashishijwe iyakure cyangwa kujyayo), ni gute ubaye muri ubwo buzima

nk'Umunyarwanda bitamugira ho ingaruka ku Kinyarwanda ke ngo akivange n'izo ndimi zindi yahuye na zo?

Umushakashatsi Nsanzabiga na we, mu nyandiko ye "*From the "trapped language" to hybridized language: An Educational dilemma in teaching Kinyarw*anda" yasohotse mu kinyamakuru *Rwanda Journal of Education* mu mwaka wa 2012, volume 1, Issue1, umutwe wayo wumvikanamo gukoresha indimi zivangavanze, by'umwihariko agatekereza ku ihuzagurika mpitamo rurimi nyarwo rwo kwigishamo Ikinyarwanda. Mu nshamake ye atekereza ko Ikinyarwanda ari ururimi rukomeye, rukize ariko kandi rwibasiwe cyane n'indimi z'amahanga zarwivanzemo: "*Kinyarwanda-the language of Rwanda-appears to be one of the world's most complex and possibly richest, but increasingly endangered by foreign influences*" (2012, 39). Asobanura neza impamvu n'aho uko gukomera no gukunguhara rubikomora muri aya magambo: "*The language complex features are particularly associated with the multiplicity of its morphemes and their agglutination to form its world (or sentences), as well as its extra-ordinary lexical variability and expressivity. Conversely, its richness seems to be increasingly overshadowed by culture of language simplification and hybridization that affect key aspects of languages, which might be stemming from cultural crossbreding that the Rwandan society has been undergoing for some years*".

Uwagenekereza mu Kinyarwanda yavuga ko yashatse kuvuga ko "ku ruhande rumwe, gukomera kw'Ikinyarwanda gushingiye ahanini ku bwinshi bw'umubare w'uturemajambo twacyo, ndetse no ku iyomekamajwi (agglutination) mu gukora ijwi rishya, ijambo rishya cyangwa interuro nshya. Ku rundi ruhande cyanecyane ariko akagaragaza ko ubwo bukungu bushobora kuba buva ku miterere yo koroshya cyangwa kuvangavanga

ururimi bituruka ku ivangamuco imbaga y'Abanyarwanda yahuye na ryo kuva mu myaka ishize".

Kuri we, abona nk'urugero ko imvugo/ indimi zitandukanye zakoreshwaga n'Abanyarwanda bari mu buhungiro, aho batahukiye byagombaga kugira icyo bihindura cyangwa bikivanga n'Ikinyarwanda mbonera, bityo bikaba byagusha ku rurimi rw'imvange y'Ikinyarwanda n'izo mvugo zindi. Mu rwego rw'uburezi rero, ni ho umurimo w'ubushakashatsi we uhera ushyigikira ko ururimi rw'imvange rugira ingaruka ku burezi/ imyigishirize ku buryo abarezi bahorana ibibazo badashobora kubonera ibisubizo ku buryo bworoshye. Ibyo bibazo umurimo we wibaza ni nko gushaka kumenya icyo ururimi mbonera ari cyo; ikindi ni ukwibaza urwego indimi z'amahanga ziriho n'ingorane zitera mu kwigisha niba zakwihanganirwa. By'umwihariko, umurimo we w'ubushakashatsi ugerageza gusesengura ukuri n'inkomoko y'ibyo bibazo, maze agahera ku byo ubushakashatsi bwe bwamweretse mu burezi/ myigishirize mu mashuri ndetse no ku bundi burere n'ubumenyi umuntu akura mu mu muryango no mu bimukikije, umurimo we ugahinduka intabaza ku barezi by'umwihariko abo muri KIE (ya kera) ibashishikariza gutekereza byimbitse ku mwuga wabo, uburyo bawunoza n'irage rizorohereza ab'u Rwanda rw'ejo cyangwa abazabasimbura!

Umushakashatsi Nsanzabiga asoza avuga ko ibyo ari byo byose nta kundi twabigenza ko aho bishoboka twakoresha ururimi rwihariye rw'Ikinyarwanda twabikora ariko aho bidakunze ko tugomba kwemera no kwihanganira imvange n'iyinjiranandimi mu ndimi.

### 2.3.2. Ibyakozwe ku iyinjiranandimi

Nubwo abandi bashakashatsi batakoresheje inyito " iyinjiranandimi " ariko iyo urebye ibyavuye mu bushakashatsi bakoze usanga ari bimwe n'ibyo twavuze dukoresheje iyo nyito. Tugarutse ku bushakashatsi bwa Twizeyimana (2011: 55) dusanga hari aho agaragaza amagambo agizwe na kamere y'indimi zirenze rumwe. Mu rugero rw'interuro yatanze igira iti: "*Ariko ndagira ngo bijye muri private sector, Polisi ize nka regulators ari bo bareba ngo baramonitaringa niba bikorwa neza."* Ijambo "baramonitoringa" rivangiyemo Ikinyarwanda n'Icyongereza icyarimwe. Rifite indanganteko y'inshinga, indangagihe n'umusozo by'Ikinyarwanda ahandi rikaba Icyongereza. Ni byo Niyomugabo (2016) yise "kinyenglish".

Nsengiyumva we agenekereza ko ivangitiranyandimi ryarebwa nk'irage ry'Abakoloni nk'uko abihurizaho na Shyirambere n'abandi, gusa we akongeraho ko rinagaragaza ubuvandimwe hagati y'Abanyaburayi n'Abanyafurika: "*Le phénomène du métissage (peut) se lire et s'interpreter comme une évocation de la vision coloniale du métissage, "symbiose" fraternelle et heureuse des cultures européenne et afro-américaine*" (2015, 13).

Uyu mushakashatsi kandi nanone avuga ko ururimi rushobora kwinjira mu rundi kandi rugakomeza kuba ntamakemwa. Indimi z'Icyongereza, Igifaransa, Igiswahiri kuba zigishwa zose mu mashuri y'u Rwanda hamwe n'Ikinyarwanda, nta kabuza zigomba kwinjira mu Kinyarwanda. Mu gihe kizaza na ho, tugendeye ku magambo akoreshwa cyane nko kudawunilodinga, kweditinga, gukopiya no gupesitinga bimaze kuba gikwira, abazadukomokaho bashobora kuzemeza ko Icyongereza kitakiri ururimi rw'amahanga, ahubwo ko rwinjiye mu Kinyarwanda. Birasa n'ibyo

uwitwa Lopes wo muri Congo Brazza yavugiye ku Gifaransa, mu gitabo ke *Ma grand-mère bantoue et mes ancêtres les Gaulois* (2003), agira ati: "*En tout état de cause, le Français n'est plus une langue étrangère. D'origine étrangère, cette langue est aujourd'hui africaine, au même titre que nos langues maternelles*" (2003, 16). Aha, umushakashatsi yifashishije iby'abandi bashakashatsi ashimangira ko ivangitiranyandimi, n'iyinjiranandimi bidashobora kubura ku muntu wese uzi indimi nyinshi, by'umwihariko iyo avugana cyangwa yandikira abandi bantu baziranyeho izo ndimi.

Umushakashatsi Nsengiyumva arangiza yerekana ko kuvanga indimi nta cyo bitwaye muri iki gihe isi yose ishyize imbere kuba imwe: "*un espace particulièrement riche de possibilités et le fondement du rêve d'avenir du monde: l'universalisme avec toutes ses valeurs* " (2015, 247); bivuze ko isi by'umwihariko ishingiye ku gukira kwayo n'ejo hazaza hayo kukuba umubumbe umwe n'ibyiza byawo bizazanwa n'ubwo bumwe.

# UMUTWE WA III: UBURYO BWAKORESHEJWE MU BUSHAKASHATSI

## INTANGIRIRO

Uyu mutwe urasobanura uburyo bwifashishijwe kugira ngo umurimo wacu ugere ku myanzuro ikwiye kandi ijyanye n'intego twihaye. Ukubiyemo ishusho y'ubushakashatsi, aho ubushakashatsi bwakorewe, abazakorerwaho ubushakashatsi n'itsinda nkeshwamakuru n'uburyo bwakoreshejwe mu gukusanya no gusesengura amakuru.

## 3.1. ISHUSHO Y'UBUSHAKASHATSI

Ubu bushakashatsi bugamije kugaragaza ikibazo k'ivangandimi muri IPRC Gishari n'impamvu zaryo, bushingiye ku buryo nyamimerere no ku buryo nyamubaro (uburyo bushingiye ku mibare). Uburyo nyamimerere bujyana n'isesengura nyabitekerezo ari ryo ritagomba imibare ahubwo risesengura ibitekerezo cyangwa ibisubizo byatanzwe ku bibazo bikenera ibisubizo birambuye. Mukama na Nkusi (2019) bavuga ko abashakashatsi bakoresha ubu buryo ari ababandasobanura, bakaba babona ko ubumenyi bushobora guhinduka bitewe n'ahantu cyangwa ibintu umuntu abamo. Natwe rero muri ubu bushakashatsi twakoresheje ubu buryo dushaka ibitekerezo binyuranye by'abatangandundo, bisubiza ibibazo byaguye. Uburyo nyamubaro bwo Mukama na Nkusi (2019) bavuga ko bukoreshwa n'abanyakuri mpame ari bo bafata ubumenyi nk'ibintu bizwi kandi bifatika. Ubu buryo rero twabukoresheje tubaza ibibazo bidadiye bisesengurwa hagaragazwa imibare y'abemeje ikintu n'abagihakanye gusa, tutabasabye ibisobanuro.

### 3.1.1. Isesengura nyabitekerezo

Nk'uko Rusagara (2004) abivuga, isesengura nyabitekerezo ni isesengura ry'ibisubizo ku bibazo byaguye. Risesengura ibitekerezo buri muntu mu basubije aba yatanze akurikije uko yumva ikibazo. Ubu buryo rero twabukoresheje dusesengura amakuru yavuye mu biganiro ndetse no mu bisubizo by'ibibazo bifunguye.


### 3.1.2. Isesengura ry'imibare

Umushakashatsi twavuze haruguru akomeza avuga ko isesengura ry'imibare ari isesengura ry'ibisubizo ku bibazo bidadiye. Rigaragaza inshuro igisubizo iki n'iki cyatanzwe ku kibazo runaka. Twifashishije inkoranabuhanga yitwa SPSS mu gusesengura amakuru yavuye mu bisubizo by'ibibazo bidadiye byabajijwe abanyeshuri no kuyatangaza hakoreshejwe imbonerahamwe n'ibishushanyo. Abakozi bo twaboherereje urutonde rw'ibibazo twifashishije ikoranabuhanga rya murandasi rihita risesengura amakuru yatanzwe tukayasobanura maze tukayatangaza.

## 3.2. AHO UBUSHAKASHATSI BWAKOREWE

Ubushakashatsi bwacu bwakorewe ku kigo cya IPRC GISHARI. Iri shuri riherereye mu Mudugudu wa Shaburondo, Akagari ka Bwinsanga, Umurenge wa Gishari, Akarere ka Rwamagana, Intara y'Uburasirazuba. Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi ngiro ry'i Gishari ryashinzwe mu mwaka wa 2013 ku bufatanye bwa Polisi y'Igihugu na "WDA". Icyo gihe ryitwaga "Gishari Integrated Polytechnic" (GIP). Iri shuri ryaje kuba ishami ry'Ishuri Rikuru ry'u Rwanda ry'Imyuga n'Ubumenyi ngiro (Rwanda Polytechnic) kuva mu 2017.

**Ikarita y'Akarere ka Rwamagana**




**Aho ikarita yakuwe**: https://www.memoireonline.com

## 3.3. ABAREBWA N'UBUSHAKASHATSI

Ubu bushakashatsi bwakorewe ku bakozi makumyabiri na barindwi bo mu gashami k'ubumenyi rusange n'abanyeshuri ijana na mirongo itanu n'umunani batoranyijwe mu dushami twose turi muri IPRC Gishari nk'uko bigaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira.

***Imb. 1: Abarebwa n'ubushakashatsi***

| **Abatoranyijwe** | **Agashami** | **Abagabo** | **Abagore** | **Bose hamwe** |
|---|---|---|---|---|
| **Abakozi** | **Ubumenyi rusange (GC)** | 27 | 2 | **29** |
| **Abanyeshuri** | **Ubuhinzi (AE,Y2B)** | 26 | 22 | **48** |
| | **Ubwubatsi(CE, Y2C)** | 37 | 3 | **40** |
| | **Amashanyarazi (ELT Y3A)** | 28 | 7 | **35** |
| | **Ubukanishi (AUT, Y1A)** | 32 | 2 | **34** |
| **Igiteranyo rusange** | | **150** | **36** | **186** |

## 3.4. ITSINDA NKESHWAMAKURU

Mukama na  Nkusi (2019) bavuga ko itsinda nkeshwamakuru ari ikoraniro ry'abantu bake cyangwa ibintu bike ritoranywa mu itsinda nshingirwaho rigizwe n'ibintu byinshi cyangwa n'abantu benshi bahuje ibirango kugira ngo batange amakuru ku nsanganyamatsiko runaka yigwaho.

Mu gutoranya itsinda nkeshwamakuru mu banyeshuri, twakoresheje uburyo bushingiye kuri tombora yoroheje (simple random sampling) dukurikije udushami duhari maze tugenda duhitamo ishuri rimwe muri buri gashami. Mu gashami k'Ubukanishi bw'imodoka (Mechanical Engineering Department) twatomboye umwaka wa mbere A (Y1A), mu gashami k'Ubwubatsi (Civil Engineering/Construction Technology) dutombora umwaka wa wa kabiri C (Y2C), mu gashami k'ibijyanye n'amashanyarazi (Elecrical and Electronics Engineering Department) dutombora umwaka wa wa gatatu C (Y3ELTC) naho mu gashami k'Ubuhinzi (Agri Engineering

Department) dutombora umwaka wa  kabiri B (Y2B IDT). Mu bakozi uko ari 149 na ho twahisemo ababahagarariye dukoresheje buriya buryo maze dutomboza abagize agashami kigisha amasomo y'Ubumenyi Rusange (General Courses Department) biba na byiza kuko bigisha mu dushami twose bakaba bahura n'abandi bakozi bose ndetse n'abanyeshuri bose. Uburyo bunoze kandi bworoshye twakoresheje twumva imvugo ikoreshwa muri IPRC Gishari, ni ukubaza ibibazo byanditse no guha abatangamakuru insanganyamatsiko zo kwandikaho tukabasaba kwisanzura mu myandikire, bakandika nk'uko bavuga kandi tukabaha igihe kitari kinini kugira ngo mu by'ukuri bandike ibibarimo neza neza atari ukugomba gushakisha.

### 3.5. Uburyo bwifashishijwe mu gukusanya amakuru

Iki gice kiragaragaza uburyo bwakoreshejwe mu gukusanya amakuru ubu bushakashatsi bushingiyeho. Ubwo buryo ni ibaririza nyandiko (ibibazo byanditse), ibiganiro n'isesenguranyandiko.

#### 3.5.1. Ibaririza nyandiko

Ni uburyo butuma abatoranyijwe bafasha umushakashatsi basubiza ibibazo byanditse byateguwe hakurikijwe intego z'ubushakashatsi. GAUTHIER (1984: 319) avuga ko ari "igikoresho kidufasha gukusanya amakuru ashingiye ku kwitegereza ibisubizo byatanzwe ku bibazo byabajijwe na bamwe mu bagize itsinda ryakozweho ubushakashatsi". Umushakashatsi ashobora kubaririza amakuru akoresheje ibibazo byanditse agenera abo yahisemo kubaza kuko ari bo bafite amakuru ku kibazo ashaka gusesengura. Iri baririzamakuru Quivy na Campenhoudt (1995: 190) barivugaho ibi bikurikira:"*l'enquete par questionnaire consiste à un ensemble de répondants, le plus souvent représentatif d'une population de référence, une série de questions à la situation sociale, professionnelle ou familiale à leurs opinions, à leur attitude à l'égard d'opinions ou d'enjeux humains et*

*sociaux, leurs attentes, au niveau de connaissance ou de conscience d'un événement ou d'un problème ou encore tout autre point de vue qui intéresse les chercheurs*". Bisobanuye ko uburyo bw'ibaririza nyandiko bukusanya indundo zatanzwe n'itsinda nkeshwamakuru ku bibazo nyamuryango, iby'akazi cyangwa ibijyanye n'imibereho myiza hakurikijwe uko abo batangandundo bumva ibyo babajijwe, hagendewe ku rwego rw'ubumenyi n'urw'ubusesenguzi bariho.

Natwe rero twahisemo gukoresha ibaririzanyandiko ku ruhande rw'abakozi n'abanyeshuri bahagarariye abandi kuri icyo kigo, kugira ngo tubone ibisubizo by'ibibazo twibazaga. Ibibazo bigenewe abanyeshuri byatanzwe byanditse ku mpapuro, basubiza bandika mu mwanya wagenwe. Ibibazo bigenewe abakozi byatanzwe ku buryo bw'ikoranabuhanga (Google forms), babisubiza bakoresheje za mudasobwa.

Ubu buryo kandi twabukoresheje dutanga insanganyamatsiko zitandukanye zo kwandikaho mu mashuri atandukanye. Inyandiko abanyeshuri banditse kuri izo nsanganyamatsiko zadufashije kubona neza ko ivangandimi n'iyinjiranandimi bimaze guhinduka ubuzima bw'abanyeshuri muri IPRC Gishari. Bwadufashije kubona amagambo yo mu zindi ndimi bakunda gukoresha cyane mu buzima bwabo bwa buri munsi bayavanga n'Ikinyarwanda.

### 3.5.2. Isesenguranyandiko

Ni uburyo bushingiye ku gusoma. Twasomye ibitabo bimwe na bimwe bivuga ku ivangandimi, iyinjiranandimi n'imibangikanire y'indimi. Ubwo buryo bwadufashije kumenya ibyo abashakashatsi banyuranye bagezeho ku nsanganyamatsiko zifitanye isano n'iyacu.

### 3.5.3. Isesengura ry'ibiganiro binyura ku rubuga rwa "whatsapp"

Muri IPRC Gishari abakozi bagira urubuga rusange bahuriraho bakoresheje terefoni cyangwa mudasobwa zabo, bagira n'imbuga bahuriraho hakurikijwe udushami ndetse bakagira n'izo bahuriraho n'abanyeshuri. Izo mbuga baziganiriraho ibijyanye n'ibyo bakora bakazinyuzaho n'amatangazo anyuranye. Ibiganiro binyura kuri izo mbuga na byo byadufashije kubona imiterere y'ururimi bakoresha.

## 3.6. Uburyo bwakoreshejwe mu gusesengura amakuru

SELT na bagenzi be (1997: 21) bavuga ko "*Le dépouillement des questionnaires consiste à résumer, analyser et classer les données reccuillies compte tenu de diverses facettes du problème notamment de la description de l'origine des causes et des conséquences. Ces dites données seront présentées et structurées dans des tableaux selon les thèmes indiquant chaque fois la question et la fréquence selon laquelle chaque réponse apparait*". Bishatse kuvuga ko isesengura ry'ibyabajijwe riba rigamije kuvuga muri make, gusesengura no kubika imbonwa zatanzwe hashingiwe ku miterere y'ikibazo no ku ngaruka zacyo. Izo mbonwa rero zigaragazwa ku buryo bw'imbonerahamwe hibandwa ku bwisubire bw'ibisubizo byatanzwe kuri buri kibazo. Isesengura rigamije guhuza ibyitegererezo ku buryo butuma biba igisubizo ku kibazo kigwa n'ubushakashatsi. Ubu buryo ntibushobora kubura igihe cyose watanze ibibazo, yaba mu nyandiko cyangwa mu magambo. Bavuga ko atari uburyo bwo guhuza amakuru gusa, ahubwo ko hazamo no kuyasesengura, kuyahina no kuyashyira mu byiciro byayo.

Muri uyu murimo twifashishije isesengura nyabitekerezo (nyamimerere) n'isesengura ry'imibare (nyamubaro) maze tugereranya ibyavuye mu makuru yatanzwe n'abasubije intonde z'ibibazo. Ubu buryo bwombi bwadufashije gusesengura amakuru no kugaragaza ku buryo bworoshye ibyavuye mu bushakashatsi.


# UMUTWE WA IV: ISESENGURAMAKURU

## INTANGIRIRO

Uyu mutwe ugamije gusuzuma no gusesengura amakuru yatanzwe n'abanyeshuri ndetse n'abakozi ba IPRC Gishari kugira ngo hagaragazwe ivangandimi muri iryo shuri. Iryo sesengura ryakozwe tugendeye ku ihange nyamimerere n'ihange nyamubano.

## 4.1. ABASUBIJE IBIBAZO BY'UBU BUSHAKASHATSI

Nk'uko twabikomojeho mu mutwe wa gatatu, ubu bushakashatsi bwakorewe ku banyeshuri ijana na mirongo itanu na barindwi n'abakozi makumyabiri n'ikenda bahagarariye abandi muri IPRC Gishari. Mbere yo gusubiza ibibazo byari byabajijwe bagombaga kugaragaza irangamimerere ryabo; ni ukuvuga igitsina n'imyaka byabo. Gushaka kumenya igitsina byari ukugira ngo bizadufashe gusuzuma niba ivangandimi rifite aho rihuriye n'igitsina cy'abenerurimi.




***Igishushanyo kigaragaza ikigero mu myaka cy'abakozi basubije***

Umukozi umwe mu basubije uhwanye na 3.7% ni we uri mu kigero k'imyaka hagati ya makumyabiri na makumyabiri n'itanu, barindwi

bahwanye na 25.9% bafite hagati y'imyaka makumyabiri n'itandatu na mirongo itatu, umunani bangana na 29.6% bafite hejuru y'imyaka mirongo ine naho cumi na batatu bangana na 48.1% bafite hagati y'imyaka mirongo itatu n'umwe na mirongo ine.


Ku byerekeye igitsina, abakozi b'igitsina gore ni babiri bangana na 6.8% naho ab'igitsina gabo ni makumyabiri na barindwi bangana na 93.2%.

***Imb. 2: Umubare n'igitsina by'abasubije***

***Imb. 2: Umubare n'igitsina by'abasubije***

| Abakeshwamakuru | Abagabo | Abagore | Igiteranyo |
|---|---|---|---|
| **Abakozi** | 27 | 2 | 29 |
| **Abanyeshuri** | 123 | 34 | 157 |
| **Igiteranyo rusange** | 150 | 36 | 186 |

Byabaye ngombwa kumenya icyo abakozi babajijwe bakora maze makumyabiri bangana na 74.1% batubwira ko ari abarimu naho barindwi bangana na 25.9% dusanga bakora akandi kazi. Abakozi babiri bo ntibasubije iki kibazo.




***Igishushanyo kigaragaza icyo umukozi wasubije akora***

## 4.2. IBYAVUYE MU MAKURU YATANZWE N'ABANYESHURI

Duhereye ku nkeko twari dufite, twabajije abanyeshuri ibibazo bidufasha kumenya niba izo nkeko koko zifite ishingiro. Nk'uko twabisobanuye mu mutwe wa gatatu, abanyeshuri bose ntibabajijwe, hatoranyijwe ababahagarariye. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza abanyeshuri bakoreweho ubu bushakashatsi.

***Imb. 3:Abanyeshuri babajijwe***

| | Umubare w'abanyeshuri | Ijanisha | Ijanisha rusange |
|---|---|---|---|
| umwaka wa mbere | 34 | 21.7 | 21.7 |
| umwaka wa kabiri | 88 | 56.1 | 77.7 |
| umwaka wa gatatu | 35 | 22.3 | 100.0 |
| Igiteranyo | 157 | 100.0 | |

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, abanyeshuri bakoreweho ubushakashatsi ni ijana na mirongo itanu na barindwi. Muri bo mirongo itatu na bane bahwanye na 21.7% biga mu mwaka wa mbere, abiga mu mwaka wa kabiri ni mirongo inani n'umunani bahwanye na 56% naho abiga mu mwaka wa gatatu ni mirongo itatu na batanu bahwanye na 22.3%.

### 4.2.1. Ikinyarwanda gikoreshwa muri IPRC Gishari

Twashatse kumenya Ikinyarwanda abanyeshuri biga muri IPRC Gishari bakoresha maze tubaha insanganyamatsiko ebyiri zo kwandikaho mu mashuri atandukanye kugira ngo turebe ururimi bakoresha. Bamwe bahawe insanganyamatsiko igira iti : " *Mu gika kitarengeje interuro zirindwi, vuga*

*ibyo ushobora gukora wifashishije terefone yawe mu gihe cyo kuruhuka*." Abandi bahabwa igira iti: " *Vuga muri make imibereho y'abanyeshuri bo muri IPRC Gishari ku ishuri no ku macumbi n'uburyo ikoranabuhanga ribafasha mu myigire*." Tugendeye ku ihange nyamubano, twasesenguye inyandiko z'abanyeshuri maze zidufasha kubona neza ko ivangandimi rimaze guhinduka ubuzima bw'abanyeshuri muri IPRC GISHARI. Byadufashije no kubona amagambo yo mu zindi ndimi bakunda gukoresha cyane mu buzima bwabo bwa buri munsi bayavanga n'Ikinyarwanda. Ku nsanganyamatsiko ya mbere abanyeshuri bavuze ibyo bakora bifashishije terefoni zabo mu gihe cyo kuruhuka. Mu nyandiko zabo hagaragayemo ivangandimi ryinshi. Dore zimwe mu nteruro bakoresheje :

- Iyo ndangije gukora etude mpita njya kuri chat ngasoma messages ziba ziriho nkazisubiza.
- Nkunda kwirebera udustatus abafriends bange baba bapostinze kuri whatsapp.
- …nkareba abastar bafite views nyinshi, like n'abafollowers benshi kuri instagram
- Iyo mfite amamega niigiira kuri YouTube ngasearchinga nkanareba uduchallenges dutandukanye ubundi nkadownloadinga n'indirimbo nkunda zigezweho.
- Iyo mfite network mvugana n'inshuti zange online kuko guhamagara byaderanja umutype tubana muri room.
- Mfite applications za game zitandukanye nkina muri phone mu gihe nduhutse. Harimo game yo gutwara imodoka, iyo kurasa, iya billard n'iya football.

Ku nsanganyamatsiko ya kabiri, bamwe bavuze ku mibereho yabo ku ishuri, abandi bavuga ku macumbi, abandi bavuga uko ikoranabuhanga ribafasha mu myigire ariko hari n'ababivugagaho byose icyarimwe.

Ingero z'ibyo banditse:

- Gewe simba muri hostel, nibera muri ghetto. Iyo mvuye school ndateka ubundi nkajya kureba agafilm kwa  landload.
- Bamwe biga morning shift abandi bakiga evening shift… iyo ni iya nyuma ya lunch.
- Mbanza gukeepinga utudocuments twange mu kabag nkabona kujya gufata breakfast…
- Abageze kuri class nyuma ya lecturer ntibemererwa kwinjira.
- Muri weekend usanga abaslay bari kuri map aho kwiga bakiririrwa bachillinga…CAT cyangwa examen yaza bakazana joke.
- Baduha handout kuri machine cyangwa kuri phone
- ICT yarabyoroheje, ibintu tubisharinga kuri pnone aho twaba turi hose

Izi ngero z'ivangandimi ryagaragaye mu nyandiko z'abanyeshuri zigaragaza ko akenshi bavanga Ikinyarwanda, Igifaransa n'Icyongereza.

Iryo vangandimi riteye ukubiri:

- **Interuro imwe igizwe n'amagambo y'indimi zitandukanye.**

Ingero: - Gewe simba muri hostel, nibera muri ghetto.
- Baduha handout kuri machine cyangwa kuri phone.
- Iyo ndangije gukora étude mpita njya kuri chat ngasoma messages.

- **Ijambo rimwe rigizwe n'uduce twavuye mu ndimi zirenze rumwe**

Ingero:- agafilm
- utudocuments
- abaslay

- bachilinga
- tubisharinga

Ibi biragaragaza ko muri IPRC Gishari hari ivangandimi ndetse n'iyinjirandimi.

### 4.2.2. Ivangandimi muri IPRC Gishari n'imiterere yaryo

Kugira ngo tumenye niba koko muri iri shuri hari ivangandimi, uretse kureba ibyo abanyeshuri banditse twanababajije ibindi bibazo bidufasha kubona amakuru ahamye. Twari tubakeneyeho ibisubizo biduhamiriza niba bumva iyo abanyeshuri baganira bavanga indimi cyangwa niba nta byo bumva, niba bo ubwabo bavanga indimi cyangwa niba batazivanga, niba umunyeshuri wo muri IPRC Gishari ashobora kuganira atavanga indimi. Abasubije ko bumva abaganira bavanga indimi bagombaga kuvuga ikigero babyumvaho n'ururimi babikora bari kuvuga kugira ngo twumve koko niba twabiheraho twemeza ko muri iri shuri hari ivangandimi.

Dore uko basubije ibyo bibazo:

***Imb. 4:Abanyeshuri bemeje ko bumva ivangandimi***

| | Umubare w'abanyeshuri | Ijanisha | Ijanisha rusange |
|---|---|---|---|
| yego | 150 | 95.5 | 95.5 |
| oya | 7 | 4.5 | 100.0 |
| Igiteranyo | 157 | 100.0 | |

Abanyeshuri ijana na mirongo itanu bangana na 95.5% basubije ko bumva abandi banyeshuri bavanga indimi naho barindwi bangana na 4.5% basubiza ko batajya bumva abandi banyeshuri baganira bavanga indimi. Umubare munini ni uwemeje ko wumva abanyeshuri baganira bavanga indimi. Uyu

mubare twawushingiyeho twemeza ko muri IPRC Gishari hari ivangandimi. Ibi biragaragaza ko inkeneragihamya twari twihaye ifite ishingiro kubera ko tumaze kubona igihamya ko muri iri shuri koko hari ivangandimi.

Twarebye urugero abemeza ko bumva ivangandimi baryumvaho maze dusanga abanyeshuri mirongo itatu n'ikenda bahwanye na 24.8% baryumva rimwe na rimwe mu gihe abandi ijana na cumi n'umunani bangana na 75.2% bavuga ko baryumva buri gihe. Ibi na byo byaduhamirije ko ivangandimi rihari kuko umubare munini ari uw'abemeje ko barihumva.

Dore uko bigaragara ku mbonerahamwe :

***Imb. 5: Ikigero abanyeshuri bumvaho ivangandimi***

| Igisubizo | Umubare w'abanyeshuri | Ijanisha | Ijanisha rikomatanyije |
|---|---|---|---|
| rimwe na rimwe | 39 | 24.8 | 24.8 |
| buri gihe | 118 | 75.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 157 | 100.0 | |

Twashatse kumenya niba kuvanga indimi ari ikintu kiruhije kwirinda maze tubaza abanyeshuri niba babona bishoboka ko baganira batavanga indimi. Muri bo makumyabiri na batatu bangana na 14.6% bavuze ko bishoboka naho abandi ijana na mirongo itatu na bane bangana na 85.4% bavuga ko bitashoboka. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko icyo kibazo cyasubijwe.

***Imb. 6: Uko abanyeshuri babona ivangandimi***

| Igisubizo | Umubare w'abanyeshuri | Ijanisha | Ijanisha rikomatanyije |
|---|---|---|---|
| yego | 23 | 14.6 | 14.6 |
| oya | 134 | 85.4 | 100.0 |
| Igiteranyo | 157 | 100.0 | |

Nk’uko imbonerahamwe ibyerekana, umubare munini ni uwavuze ko kuganira batavanga indimi bitashoboka. Ibyo ariko babisubije bavuga kuri bagenzi babo. Mu bibazo twabajije rero harimo no gushaka kumenya niba ababajijwe ubwabo bavanga indimi.Kuri icyo kibazo abanyeshuri ijana na mirongo itanu na babiri bahwanye na 96.8% biyemereye ko na bo ubwabo bavanga indimi. Abavuze ko batazivanga ni batanu bonyine bahwanye na 3.2%. Imbonerahamwe ikurikira irabigaragaza neza.

***Imb. 7: Uruhande ababajijwe baherereyeho mu ivangandimi***

| Ibisubizo | Umubare w’abasubije | Ijanisha | Ijanisha rikomatamyije |
|---|---|---|---|
| yego | 152 | 96.8 | 96.8 |
| oya | 5 | 3.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 157 | 100.0 | |

Kubera ko ubu bushakashatsi bwari bugamije kugaragaza imiterere y'ururimi ruvanze n’izindi ndimi nyinshi rukoreshwa n'abanyeshuri ndetse n'abakozi bo mu kigo k’Ishuri Rikuru ry’Imyuga n’Ubumenyingiro ry’i Gishari, byabaye ngombwa kubaza abatangamakuru ururimi nyirizina baba bavuga igihe habaho ivangandimi. Kuri icyo kibazo, abanyeshuri ijana n’umunani bangana na 68.8% basubije ko bavanga indimi igihe bavuga Ikinyarwanda; abanyeshuri icumi bangana na 6,4% basubiza ko bazivanga igihe bavuga Icyongereza ; batatu bangana na 1.9% basubiza ko indimi zivangwa igihe bavuga Igifaransa ; abandi batatu bahwanye na 1.9% basubiza ko ivangandimi riba igihe bavuga Igiswayire naho mirongo itatu na batatu basubiza ko ivangandimi riba igihe bavuga indimi zose. Dushingiye kuri ibi bisubizo turemeza ko ivangandimi ribaho igihe abaganira bavuga Ikinyarwanda. Imbonerahamwe ikurikira irabisobanura neza.

***Imb. 8: Ururimi ruhura n'ivangandimi cyane***

| Ibisubizo | Umubare w'abasubije | Ijanisha | Ijanisha rikomatanyije |
|---|---|---|---|
| Ikinyarwanda | 108 | 68.8 | 68.8 |
| Icyongereza | 10 | 6.4 | 75.2 |
| Igifaransa | 3 | 1.9 | 77.1 |
| Igiswayire | 3 | 1.9 | 79.0 |
| Zose | 33 | 21.0 | 100.0 |
| Igiteranyo | 157 | 100.0 | |

### 4.2.3. Isano hagati y'ivangandimi n'abenerurimi

Tugendeye ku ihange nyamubano, twashatse kumenya niba ivangandimi ryaba rifitanye isano n'igitsina cy'abazivuga cyangwa n'urwego rw'imibereho yabo. Ibyo byatumye tubaza abanyeshuri hagati y'abakobwa n'abahungu abakunda kuvanga indi abo ari bo. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko basubije icyo kibazo.

***Imb. 9: Abavanga indimi kurusha abandi***

| Ijanisha | Umubare w'abasubije | Ijanisha | Ijanisha rikomatanyije |
|---|---|---|---|
| Abahungu | 15 | 9.6 | 9.6 |
| Abakobwa | 20 | 12.7 | 22.3 |
| Bose | 122 | 77.7 | 100.0 |
| Igiteranyo | 157 | 100.0 | |

Nk'uko bigaragara ku mbonerahamwe iri hejuru, abanyeshuri cumi na batanu bangana na 9,6 % basubije ko abavanga indimi cyane ari abahungu; abanyeshuri makumyabiri bangana na 12.7% basubiza ko indimi zivangwa cyane n'abakobwa naho abanyeshuri ijana na makumyabiri na babiri bangana na 77.7% basubiza ko bose bavanga indimi. Hashingiwe kuri ibi bisubizo, biragaragara ko ivangandimi ridashingira ku gitsina cy'abazivuga.

### 4.2.4. Aho ivangandimi ryiganje

Twashatse kumenya niba abantu bo mu ishuri twakoreyeho ubu bushakashatsi bavanga indimi bitewe n’aho bari cyangwa n’abo bavugana. Kugira ngo tubisobanukirwe, twababajije aho abanyeshuri biga muri IPRC bavanga indimi kenshi. Abanyeshuri mirongo kenda na babiri bahwanye na 58.6% basubije ko bavanga indimi igihe baganira hagati yabo; abanyeshuri babiri bahwanye na 1.3% bemeje ko bavanga indimi igihe bari mu rugo, abanyeshuri makumyabiri na babiri bahwanye na 14% bavuga ko bazivanga iyo baganira n’abanyeshuri bo mu yandi mashuri naho abanyeshuri mirongo ine n’umwe bahwanye na 26.1% basubiza ko nta ho. Imbonerahamwe ikurikira irerekana uko icyo kibazo cyasubijwe.

***Imb. 10: Aho bavanga indimi kurenza ahandi***

| Ibisubizo | Umubare w’abasubije | Ijanisha | Valid Percent | Ijanisha rikomatanyije |
|---|---|---|---|---|
| iyo baganira hagati yabo | 92 | 58.6 | 58.6 | 58.6 |
| iyo bari mu rugo | 2 | 1.3 | 1.3 | 59.9 |
| iyo baganira n'abanyeshuri bo mu yandi mashuri | 22 | 14.0 | 14.0 | 73.9 |
| Hose | 41 | 26.1 | 26.1 | 100.0 |
| Igiteranyo | 157 | 100.0 | 100.0 | |

Tugendeye ku ihange nyamubano, twashatse kumenya niba kuvanga indimi bijyana n’uko abantu bisanzuranaho bityo tubaza abanyeshuri niba n’igihe bavugana n’abayobozi cyangwa n’abarimu nabwo bavanga indimi. Abanyeshuri ijana na cumi n’ikenda bahwanye na 75.8 % basubije ko bazivanga, abandi mirongo itatu n’umunani bahwanye na 24.2 % basubiza ko batazivanga. Hashingiwe kuri ibi bisubizo, biragaragara ko ivangandimi muri IPRC Gishari ryamenyerewe kuko bidasaba ko abaganira baba ari abantu b’urungano gusa. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza neza uko abanyehuri basubije iki kibazo.

***Imb. 11: Uko abanyeshuri bitwara igihe baganira n'abayobozi***

| | Umubare w'abanyeshuri | Ijanisha | Ijanisha rikomatanyije |
|---|---|---|---|
| Yego | 119 | 75.8 | 75.8 |
| Oya | 38 | 24.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 157 | 100.0 | |

Tugendeye ku nteego twari twihaye muri uyu murimo, twashatse kumenya niba ivangandimi ari umwihariko wo muri IPRC Gishari, tubaza abanyeshuri niba hari ahandi bajya bumva ivangandimi. Abanyeshuri ijana na mirongo itanu na bane bahwanye na 98.1% basubije ko hahari, abandi batatu bangana na 1.9% bavuga ko nta handi baryumva. Imbonerahamwe ikurikira irerekana uko abanyeshuri basubije icyo kibazo.

***Imb. 12: Ahandi ivangandimi rigaragara***

| | Umubare w'abanyeshuri | Ijanisha | Ijanisha rusange |
|---|---|---|---|
| yego | 154 | 98.1 | 98.1 |
| oya | 3 | 1.9 | 100.0 |
| Igiteranyo | 157 | 100.0 | |

Uko iki kibazo cyasubijwe byagaragaje ko ivangandimi atari umwihariko wo muri IPRC Gishari.

### 4.2.5. Igituma abanyeshuri bavanga indimi

Abanyeshuri bakoreweho ubu busakashatsi babajijwe ikibatera ivangandimi cyane ko hafi ya bose bari biyemereye ko bazivanga. Batanze impamvu zitandukanye ariko hari izahurijweho na benshi ari zo:

- kuba hari ibintu bidafite uko byitwa mu Kinyarwanda

- kubura ijambo ry'Ikinyarwanda bagakoresha iribabangukiye
- gushaka gusobanura ibintu ku buryo bworoshye (kuvuga ibibabangukiye)
- kuba bazizi zose
- kuzigira icyarimwe ari nyinshi
- iterambere
- kuba hari ururimi bifuza kuvuga ariko bataragira ubushobozi buhagije bwo kuruvuga
- kuba bamarana amasaha menshi n'abarimu babigisha mu rurimi rw'Icyongereza
- kuba badasobanukiwe neza imikoreshereze y'indimi n'ingaruka kuzivanga byatera
- zose ntibaba bazi kuzivuga neza
- gukoresha imbuga nkoranyambaga bituma bigana abandi
- kumva no kureba ibintu bitandukanye ku mbuga nkoranyambaga
- ubusirimu
- kuba baraturutse ahantu hatandukanye
- kuvukira mu muryango uvanga indimi
- kuganira n'abanyamahanga
- kwîigaana abandi
- kugaragaza ko bazi indimi zitandukanye
- kugira ubumenyi buke mu Kinyarwanda
- ubumenyi budahagije mu rurimi uru n'uru
- kuba hari amagambo amwe n'amwe agoye kuvuga mu Kinyarwanda bitewe n'umuco
- kuba abanyeshuri batatojwe kuvuga batavanga indimi
- zose baziga ku rwego rumwe
- ubukangurambaga budahagije mu gutoza abantu kutavanga indimi

Impamvu zatanzwe zahamije ko inkeko twari dufite ivuga ko ivangandimi ryaba riterwa n'uko abavugana bazi indimi nyinshi no kuba ikoranabuhanga rigenda rizana ibintu bidafite inyito mu Kinyarwanda, ifite ishingiro. Biragaragarira mu bisubizo tumaze kubona byatanzwe n'abanyeshuri.

### 4.2.6. Ivangandimi n'ubumenyi bw'ururimi

Abanyeshuri babajijwe uko byagenda igihe umuntu aramutse avanze indimi kandi arimo aganira n'umuntu utazizi. Iki kibazo cyari kigamije gusuzuma niba koko ivangandimi riterwa n'uko abantu baba bazi indimi nyinshi. Igisubizo bose bahurijeho nubwo buri wese yagiye abivuga mu magambo ye ni uko byatuma batumvikana. Dore bimwe mu bisubizo batanze:

- ingingo mwashakaga kuganiraho ntimwayumvikanaho mwembi
- waba umujimije mu kiganiro
- ntiyamenya ibyo umubwira
- ntiyakumva ibyo umubwira
- uwo ubwira ururimi atumva yagufata nk'umwirasi
- habaho kutumvikana
- ntiyasobanukirwa ibyo umubwira
- byamubangamira aumva atisanzuye mu kiganiro
- ibiganiro ntibyagenda neza
- yakumva umwiraseho ko umurusha indimi
- rimwe na rimwe yakumva ko uri kumwiyemeraho umwumvisha ko wize
- byamugora kumva ibyo uvuga bikaba byavamo gufata amakuru atari yo
- ntiyakumva ibyo ushaka kuvuga kereka umusobanuriye mu rurimi yumva
- akenshi iyo mutari mu kigero kimwe agufata nk'uwataye umuco

Ibisubizo by'abanyeshuri kuri iki kibazo byumvikanisha ko muntu aba agombwa kubanza kumenya uwo ambwira kugira ngo amenye ururimi

amubwiramo n'uko arukoresha bityo ubwumvane bugende neza. Ikindi kandi ni uko ivangandimi rikoreshwa n'abantu baziranye kandi bazi ko abo baganira na bo bazi izo ndimi.

### 4.2.7. Amagambo ashingiye ku ivangandimi akoreshwa cyane muri IPRC Gishari

Abanyeshuri basabwe gutanga ingero z'amagambo agaragaramo uruvange rw'indimi mu Kinyarwanda akoreshwa muri IPRC Gishari. Batanze ingero nyinshi, zimwe bakajya bazihurizaho. Dore zimwe muri izo ngero:

- umulecturer
- abateacher
- gusavinga (save)
- guchatinga
- gufollowinga
- amaretake (retakes)
- gucheckinga (check)
- kwenforma (informer)
- gucommunicatinga (communicate)

Ingero z'amagambo abanyeshuri batanze ziruzuzanya n'ibyavuye mu nyandiko banditse ku nsanganyamatsiko bari bahawe. Aya magambo aragaragaza iyinjiranandimi nk'uko no muri izo nyandiko twasanzemo ivangandimi ku rwego rw'ijambo ari ryo yinjiranandimi ndetse tugasangamo n'ivangandimi ku rwego rw'interuro.

### 4.2.8. Isesengura ry'amagambo akomoka ku ivangandimi

Ingero enye z'amagambo yakomotse ku ivangandimi yahawe abanyeshuri babazwa niba ashobora gushakirwa uturemajambo. Abanyeshuri mirongo

itatu bangana na 19.2 % basubije ayo magambo ashobora gusesengurwa; abandi ijana na makumyabir na barindwi bangana na 80.8 % basubiza ko kuyasesengura bidashoboka. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko abanyeshuri basubije ikibazo cy'ubushobozi bwo gusesengurwa kw'amagambo yakomotse ku ivangandimi.

***Imb.13: Ubushobozi bwo gusesengurwakw'amagambo avuka ku ivangandim***

| | Umubare w'abanyeshuri | Ijanisha | Ijanisha rikomatanyije |
|---|---|---|---|
| yego | 30 | 19.2 | 19.2 |
| oya | 127 | 80.8 | 100.0 |
| Igiteranyo | 157 | 100.0 | |

Abemeje ko ayo magambo yasesengurika, bagaragaje n'uturemajambo twayo. Muri bo, makumyabiri n'ikenda bangana na 96.7 % bahuje uturemajambo. Dore uko batugaragaje:

Umucheri : u-mu-cheri

Amaclass : a-ma-class

Umurecturer : u-mu-lecturer

Iteam : i-ø-team

Aba banyeshuri bashoboye kubona uturemajambo tubiri tw'izina mbonera ry'Ikinyarwanda ari two indomo (D) n'indanganteko (RT), bageze ku gicumbi (C) bashyiraho izina ryo mu rundi rurimi uko ryakabaye.

Umunyeshuri umwe muri mirongo itatu uhwanye na 3.3 % yabonye uturemajambo dutandukanye n'utwo two hejuru. We yagenekereje mu Kinyarwanda ayo magambo ayafata nk'amatirano. Dore uko yayasesenguye:

Umucheri : u-mu-sheri

Amaclass : a-ma-karase

Umurecturer : u-mu-rekicara

Iteam : i-ø-timu

Uyu munyeshuri yagaragaje uturemajambo dusanzwe tw’izina mbonera ry’Ikinyarwanda ari two indomo (D), indanganteko (RT), n’igicumbi (C). Indomo (D) n’indanganteko (RT), ni iz’Ikinyarwanda naho ibicumbi (C) byari amagambo yo mu rundi rurimi uko yakabaye maze uwasubije ayaha ishusho y’Ikinyarwanda.

Cheri: -sheri


Class: -karase

Lecturer: -rekicara

Team: -timu

### 4.3. IBYAVUYE MU MAKURU YATANZWE N’ABAKOZI

Abakozi makumyabiri na barindwi bagize itsinda nkeshwamakuru, babajijwe ibibazo birimo kuvuga niba abantu bahuriye hamwe bazi indimi nyinshi bashobora kuganira batazivanga no gusobanura impamvu itera kuvanga indimi. Ikindi kwari ukugaragaza ururimi rukoreshwa cyane muri IPRC Gishari no kwerekana niba na ho hari ivangandimi ndetse n’imiterere yaryo niba rihari. Babajijwe kandi niba kuvanga indimi ari ikosa rikomeye, niba hari ingaruka byagira ku Kinyarwanda ndetse n’icyakorwa kugira ngo ikibazo k’ivangandimi gikemuke.





*Igishushanyo kigaragaza imyaka y'ababajijwe*

Mu bakozi makumyabiri na barindwi babajijwe, umwe afite hagati y'imyaka makumyabiri na makumyabiri n'itanu; barindwi bafite hagati ya makumyabiri n'itandatu na mirongo itatu; cumi na batatu bafite hagati ya mirongo itatu n'umwe na mirongo ine naho umunani bafite hejuru y'imyaka mirongo ine n'umwe.

### 4.3.1. Ururimi rukoreshwa cyane muri IPRC Gishari


Kugira ngo tumenye ururimi rukoreshwa muri IPRC Gishari twabajije abakozi bagize itsinda nkeshwamakuru urukoreshwa cyane. Abakozi cumi na batanu bangana na 55.6% basubije ko hakoreshwa cyane imvange y'Ikinyarwanda n'Icyongereza; abakozi batandatu bangana na 22.2% basubiza ko hakoreshwa cyane Ikinyarwanda; abakozi batatu bangana na 11.1% basubiza ko hakoreshwa cyane Icyongereza; babiri bangana na 7.4% basubiza ko hakoreshwa imvange y'Ikinyarwanda, Igifaransa n'Icyongereza naho umwe ungana na 3.7% asubiza ko hakoreshwa Icyongereza.

Umubare munini ni uwavuze ko muri iri shuri hakoreshwa cyane imvange y'Ikinyarwanda n'Icyongereza. Ibi bikaba bigaragaza koko ko hari ivangandimi.





*Igishushanyo kigaragaza uko iki kibazo cyasubijwe*

Ibisubizo by'iki kibazo tumaze kubona birashimangirwa n'ibyatanzwe ku kibazo gikurikiyeho cyabazaga niba muri IPRC Gishari hagaragara ivangandimi. Abasubije 100% bemeje ko rihagaragara.




*Igishushanyo kigaragaza abemeza ko hari ivangandimi*


Twashatse kumenya imiterere y'ivangandimi rigaragara muri iri shuri maze mu bakozi babajijwe, batandatu bangana na 22.2% batubwira ko hari ivangandimi mu nteruro. Igisubizo kivuga ko hari ivangandimi mu ijambo nta n'umwe wagihisemo ahubwo 22 bangana na 81.5% basubije ko bihari byombi. Nubwo imibare igaragaza ko hari umuntu umwe wasubije iki kibazo inshuro ebyiri, ikemejwe na benshi ni uko ivangandimi mu nteruro no mu ijambo yombi bihari.




*Igishushanyo kigaragaza uko iki kibazo k'imiterere y'ivangandimi cyasubijwe*


### 4.3.2. Imyitwarire y'abantu bahuye bazi indimi nyinshi

Mu bakozi makumyabiri na barindwi babajijwe niba abantu bahuye bavuga indimi nyinshi bashobora kuganira batazivanga, ikenda bangana na 33.3 % basubije ko bishoboka kuganira batazivanga, abandi cumi n'umunani bangana na 66.7% basubiza ko bidashoboka. Kuba abenshi ari abasubije ko bidashoboka kuganira abantu batavanga indimi igihe bahuriye hamwe bazi indimi nyinshi, bigaragaza ko no muri IPRC Gishari hari ivangandimi kuko hahuriye abantu bazi indimi nyinshi. Natwe rero, turabona ko gukoresha iyinjiranandimi cyangwa kuvanga indimi biri rusange ku bantu bose bagize aho bahurira n'indimi nyinshi.




*Igishushanyo kigaragaza uko abantu bahuye bazi indmi nyinshi bitwara*

Ku kibazo cyabazaga niba kuvanga indimi ari ikosa rikomeye, abakozi cumi n'ikenda bangana na 70.4% bemeje ko ari ikosa rikomeye abandi umunani bangana na 29.6 bavuga ko atari ikosa rikomeye.




*Igishushanyo kigaragaza uko ikibazo kibaza niba kuvanga indimi ari ikosa cyasubijwe*

### 4.3.3. Impamvu z'ivangandimi zatanzwe n'abakozi

Impamvu zitera abaganira kuvanga indimi zagaragajwe n'abatangamakuru ni nyinshi. Izo bahurijeho ni izi zikurikira:


- Kuvanga indimi birizana kubera ko umuntu aba yizeye ko bagenzi be bazumva. Uvuga aba yizeye ko uwo abwira ari bumwumve neza. Akenshi ni uko baba bose bazi ko bari bwumvikane mu byo bavugana.
- Kuvanga indimi ntibivuze ko baba babuze uko bavuga ijambo ahubwo ni akamenyero k'abantu biyumva ko bize cyangwa bahuriye ku rwego rw'umurimo runaka.
- Bamwe bazivanga kugira ngo bisobanure neza no kugira ngo bakoreshe uruzungu dore ko hari abirabura banga iby'iwabo bagashaka gusa n'abazungu ku ngufu.
- Hari igihe ubura ijambo mu rurimi uri gukoresha ugahita ukoresha irije vuba ryo mu rundi rurimi.

- Gushaka kugaragaza ko uzi indimi mvamahanga
- Kuba bazizi zose
- Imico tugenda twigana iturutse mu bindi bihugu
- Ni uko usanga hari amagambo amwe n'amwe baba batazi uko yitwa mu rundi rurimi
- Kubera ko mu Rwanda kuvanga indimi byabaye nk'umuco.
- Ubukoroni
- Ubuhahirane
- Ubuhunzi bwatumye abantu baba mu bindi bihugu, bibagirwa ururimi gakondo. Aho bagarukiye baje bavuga indimi zinyuranye bakazivanga n'Ikinyarwanda.

Kuri iki kibazo, icyo abenshi bahurijeho ni uko ivangandimi rikorwa ku bushake kuko abazivanga baba bizeye ubwumvane hagati yabo n'abo bavugana. Ibindi cyahurijweho na benshi ni ukuba hari amagambo atabanguka mu Kinyarwanda cyangwa adahari bikaba ngombwa kwitabaza ayo mu zindi ndimi, ubuhunzi, ubuhahirane no kubana n'abantu bavuga indimi zitandukanye.

### 4.3.4. Ingaruka zo kuvanga indimi

Nk'uko bigaragara ku gishushanyo, abakozi babajijwe bose bemeje ko ivangandimi ryagira ingaruka ku rurimi rw'Ikinyarwanda.




*Igishushanyo kigaragaza abasubije ko ivangandimi ryagira ingaruka*

Zimwe mu ngaruka bavuze ni izi zikurikira:

- Kuvanga indimi bituma abato batamenya Ikinyarwanda cy'umwimerere bikaba byatuma akari kera kizazimira. Byangisha abato ururimi rw'Ikinyarwanda.
- Ikinyarwanda kigenda gihindura umwimerere. Ivangandimi rituma Ikinyarwanda gita umwimerere wacyo. Byatuma ururimi rw'umwimerere rutakara. Kuzivanga bituma umwimerere wururimi rwacu utakara kandi hari n’amagambo agenda yibagirana.
- Ni uko amagambo y'Ikinyarwanda amwe n'amwe ashobora kuzibagirana. Urg: Irembo ntirikivugwa, bivugira gate. Ikindi ni uko hashobora kuvuka ururimi rw'ikivangitirane, rutari Ikinyarwanda nyacyo.
- Dukurikije umuvuduko ivangandimi mu kinyarwanda rifite, hari impungenge ko ururimi rw'Ikinyarwanda mu kinyejana kizaza rushobora kuzazimira cyangwa rugahinduka urundi rurimi rutazwi, rutagira isura
- Ikinyarwanda gikoreshwa kigenda kinjirwamo n'izindi ndimi, ku buryo hatabayeho igaruriro cyazageza igihe kikazimira burundu.
- Guta umuco kuko umuco n’ururimi bisa. Gutakaza ururimi rw'Ikinyarwanada kandi ari umuco wacu. Bituma umuco nyarwanda ugenda uta agaciro kawo.
- Kuvanga indimi bituma nta rurimi na rumwe umuntu amenya neza ku buryo bunonosoye. Kuvanga indimi bituma nta rurumi na rumwe umwenerurimi akeneka (amenya bihagije).

Ingaruka zagaragajwe n’abatanze aamakuru ni ugutakaza umwimerere kw’Ikinyarwanda, kuba amagambo amwe n’amwe ashobora kuzibagirana, kutamenya Ikinyarwanda neza ku bakiri bato, kutagira ururimi amenya neza mu zo avuga no gutakaza indangagaciro z’umuco nyarwanda.

### 4.3.5. Icyakorwa mu gukemura ikibazo k'ivangandimi

Nyuma yo kubona ko ivangandimi rifite ingaruka ku rurimi rw'Ikinyarwanda, abakozi ba IPRC Gishari bahagarariye abandi muri ubu bushakashatsi batanze ibitekerezo binyuranye bigamije gushaka umuti w'icyo kibazo. Dore bimwe mu byo bumva byakorwa:

- Ubukangurambaga ku mikoreshereze y'indimi buhwiturira abantu kutazivanga.
- Inyigisho zinyura kuri radiyo na televisiyo
- Ubukangurambaga ndetse no gucura amuga ku magambo yose ajyanye n' ibikoresho bishya cg ikoranabuhanga turi kwinjiramo. Ingero: internet, download, printing, CBT, DAS, DSA, Specialist, lecturer, HoD... Hakenewe gucurwa amuga y'ayo magambo n'andi muri rusange.
- Kugerageza gushaka amagambo menshi y'Ikinyarwanda kuko akenshi usanga adahagije kubera ikoranabuhanga; ijambo riraza washaka iryo bivuga kimwe mu Kinyarwanda ukaribura. Hakabaye hari itsinda ribishinzwe rishaka amagambo ajyanye n'ayavutse mashya. Abantu bandi babyica nkana bahwiturwa bakabireka
- Gukangurira abenerurimi (Abanyarwanda) kutavuga bavanga indimi bigakorwa igihe ari ngombwa.
- Hakorwa ubukangurambaga ku mikoreshereze y'indimi kandi abarimu bakaba intangarugero mu kutavanga indimi, bityo bakabwira abanyeshuri kutazivanga no kubabwira ingaruka byagira mu gihe izo ndimi zavanzwe.
- Hashyirwaho amategeko y'imivugire, ku buryo ushaka kuvuga yajya avuga ururimi rumwe atavanze, ikindi ni uko hakazwa uburyo Ikinyarwanda gifatwa mu butegetsi, ku buryo uvanze indimi mu gihe kitari cyo yajya yumva akoze amahano. Hakwiye no gushishikarizwa abanyamakuru

n'ibindi byiciro bigeza ubutumwa ku Banyarwanda, gukoresha Ikinyarwanda neza batakivanga, kuko akenshi usanga ari ho bituruka.

- Kumenya igihe cyo kuvuga ururimi uru n'uru. Kubanza gutekereza impamvu itumye uzivanga, kwiga ururimi ukarumenya neza, iyo zose utazizi neza bikorohera kuzivangavanga
- Ubukangurambaga mu rubyiruko no guhitamo kuvuga ururimi rumwe
- Kwigisha abantu bihoraho gukoresha indimi neza
- Gukangurira Abanyarwanda kutavanga indimi no kubigisha gukunda umuco wabo
- Abavanga indimi bashishikarizwa gukoresha indimi bazi batazivangavanga.
- Abayobozi baba intangarugero, hagakorwa n'ubukangurambaga bugamije kunoza Ikinyarwanda binyuze mu nzira zitandukanye zirimo n'itangazamakuru.
- Ubukangurambaga buhoraho
- Hakenewe kwigishwa indimi zose zemewe zikamenywa neza.
- Hacurwa amuga ajyanye n'ikoranabuhanga ndetse n'imyuga yigishwa hano. Hakorwa ubukangurambaga. Hajyaho ihuriro (club) ry'ururimi n'umuco.
- Kwigisha neza indimi abana bakiri bato cyane cyane bibanda ku Kinyarwanda

Ibitekerezo byatanzwe n’abatangabuhamya ku cyakorwa ngo ikibazo k’ivangandimi gikemuke ahanini biribanda ku nyigisho n’ubukangurambaga bugamije guhwiturira abantu gukoresha indimi neza, gucura amuga akenewe mu rurimi rw’Ikinyarwanda, kwigisha indimi, gutoza umuco, no gushyiraho amategeko agenga imikoreshereze y’indimi.

## 4.4. IBYAVUYE MU BIGANIRO BINYURA KU MBUGA ZA "WHATSAPP"

Mu mbuga nkoranyambaga, "whatsapp" irakoreshwa cyane muri IPRC Gishari. Akenshi inyuzwaho amakuru arebana n'imyigire n'imyigishirize ndetse n'ubuzima bwo ku ishuri. Hari n'imbuga zigenewe imibanire myiza nk'izo bateguriraho ubukwe bwa bagenzi babo, izo bahuriraho bagamije ubwisungane mu bimina, ubusabane bw'abagize udushami n'ibindi. Muri uyu murimo w'ubushakashatsi, twasomye ibiganiro binyura kuri izo mbuga dusanga abandika ubutumwa bakunze gukoresha ivangandimi. Dore zimwe mu ngero zibigaragaza:

- Requests zigomba gukorwa na ba HoDs;
- Ibyo bizaza muri concept note;
- Final Year Project proposals zakabaye zarakozwe;HoD azapublishinga amaretakes yo muri semester one;
- Ni ukureba impamvu printer idakora neza, niba hakenewe external intervention na byo bigakorwa.
- Ku bijyanye na graduation hari gukorwa clearance muri finance.
- Ejo hazaba igikorwa cy'umuganda, uzitabirwa n'abanyeshuri bo muri Mechanical Engineering bose.
- Ibikoresho bizatangirwa imbere ya office ya store keeper.
- Ba class representatives basabwe gukangura abo bayobora.
- Uwamaze kwishyura wese ampe bank slip kuko recording igomba gukorwa muri iyi weekend.
- Buri wese ahigure imihigo ijyanye na module preparation, teaching and assessing.
- Ufite projector yayintiza nkayikoresha one hour.
- Nyikeneye this afternoon.
- Igihe gisigaye tugikoreshe mu kurangiza portfolio building.

- Lecturer yavuze ko assignment tuzayisubmitinga ejo.
- Man ko utakoze CAT ya English ufite justification ngo usabe special?
- Attendance yaramufashe.

Tugendeye kuri izi ngero, turahamya tudashidikanya ko muri IPRC Gishari bavanga indimi mu biganiro bya buri munsi. Ibi kandi biragaragara mu banyeshuri, mu bakozi, igihe bavuga ku birebana n'amasomo ndetse no mu bindi biganiro. Ikinyarwanda bakoresha kiganjemo amagambo yo mu rurimi rw'Icyongereza. Bakoresha kandi n'iyinjiranandimi nk'uko bigaragara mu magambo bakoresheje ahuriwemo n'indimi zirenze rumwe. Ingero ni aho bavuze ngo: "tuzayisubmitinga na azapublishinga"

### 4.5. ISESENGURA RY'IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI

Ubushakashatsi bwacu bwari bugamije gusubiza ibibazo bitanu bijyanye n'intego zihariye. Ibisubizo byatanzwe kuri buri kibazo bigaragaza ko intego twari dufite zagezweho. Dore uko ibyo bibazo byasubijwe:

#### 4.5.1. Kugaragaza ivangandimi muri IPRC Gishari

Iya mbere mu ntego twari dufite kwari ukugaragaza ivangandimi muri IPRC Gishari. Kimwe mu bibazo byari bigamije kugaragaza niba muri IPRC Gishari hari ivangandimi ni icyabazaga niba abantu baho bashobora kuganira batavanga indimi. 33.3% basubije ko bishoboka naho 66.7 basubiza ko bidashoboka. Iki kibazo cyunganiwe n'icyo twabajije abanyeshuri bo muri IPRC Gishari dushaka kumenya ko bo ubwabo bavanga indimi. Abasubije ko batazivanga bangana na 3.2% naho abandi bangana na 96.8% biyemereye ko bazivanga. Ibi rero bikaba bihamya ko muri iri shuri hari ivangandimi. Aya makuru kandi aruzuzanya n'ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe na Shyirambere (1978) aho na we yagaragaje ko abanyeshuri bavanga indimi cyane kandi agashimangira ko

ubushyikirane bwongera ivangandimi avuga ko iyo ubwira abakuyobora cyangwa abo wubashye uba ugomba gukoresha ururimi rumwe.

### 4.5.2. Impamvu zitera ivangandimi muri IPRC Gishari

Kugira ngo tugere ku ntego twari twihaye yo kugaragaza impamvu zitera ivangandimi muri IPRC Gishari, twabajije abakozi n'abanyeshuri icyaba gitera iryo vangandimi. Bose batanze ibisubizo bitandukanye ariko ibyinshi bakabihurizaho. Nyuma yo gusesengura ibisubizo byabo twumvise ahanini ivangandimi riterwa no kuba hari ibintu bidafite uko byitwa mu Kinyarwanda, kubura ijambo ry'Ikinyarwanda bagakoresha iribabangukiye, gushaka gusobanura ibintu ku buryo bworoshye (kuvuga ibibabangukiye), kuba bazizi zose, kuzigira icyarimwe ari nyinshi, iterambere, kwigana imico y'ahandi, gukoresha ikoranabuhanga n'imbuga nkoranyambaga, kugaragaza ko bazi indimi, ubuhahirane, ubuhunsi bwatumye abantu baba mu bindi bihugu aho bahungukiye bakaza bavanga indimi, kuba hari ururimi bifuza kuvuga ariko bataragira ubushobozi buhagije bwo kuruvuga, kuba badasobanukiwe neza imikoreshereze y'indimi n'ingaruka kuzivanga byatera, zose ntibaba bazi kuzivuga neza n'ibindi bisubizo byinshi. Ibi birashimangira Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2015a: 31) aho bavuga ko gukoresha amagambo atiwe mu zindi ndimi utabuze ay'Ikinyarwanda bituruka ku bumenyi buke no ku bunebwe bwo gushaka amagambo yabugenewe.

### 4.5.3. Imiterere y'amagambo akomoka kuri iryo vangandimi.

Kugaragaza imiterere y'amagambo akomoka ku ivangandimi ni imwe mu ntego twari twihaye. Kugira ngo tuyigereho twabajije abakeshwamakuru niba amagambo akomoka ku ivangandimi ashobora gusesengurwamo uturemajambo. Mu babajijwe, 19.2% bemeje ko ayo magambo ashobora gusesengurwa naho 80.8% bavuga ko adashobora gusesengurwa.

#### 4.5.4. Ingaruka zo kuvanga indimi

Ikibazo cyabazaga niba kuvanga indimi hari ingaruka bifite, 100% ry'ababajijwe basubije ko ingaruka ziari. Icyo kibazo cyunganiwe n'ikibaza izo ngaruka izo ari zo maze batanga ibisubizo byinshi bihuriza ku kuba Ikinyarwanda gishobora gutakaza umwimerere wacyo, kuba amagambo amwe n'amwe ashobora kuzibagirana, kutamenya Ikinyarwanda neza ku bakiri bato, kutagira ururimi amenya neza mu zo avuga no gutakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda.

#### 4.5.5. Icyakorwa ngo ikibazo k'ivangandimi muri IPRC Gishari gikemuke.

Bimaze kugaragara ko hari ingaruka zaterwa n'ivangandimi, hatanzwe n'ibyifuzo cyangwa ingamba zikwiriye gufatwa ngo izo ngaruka zireke kubaho. Intego twari dufite yagezweho kuko habonetse ibitekerezo bivuye mu bakeshwamakuru bivuga icyakorwa mu rwego rwo gukemura ikibazo k'ivangandimi. Muri byo harimo gutanga inyigisho n'ubukangurambaga bugamije guhwiturira abantu gukoresha indimi neza. Ibi biruzazanya n'ibyo Niyomugabo (2016) avuga mu mutwe wa kabiri ko indimi zitagomba kubana zishyamiranye mu gihugu ahubwo zigomba kuzuzanya. Ikindi cyakorwa ni ugucura amagambo akenewe mu rurimi rw'Ikinyarwanda, kwirinda gutira igihe bidakenewe, kwigisha indimi ku kigero kisumbuye ku cyari gisanzwe, gutoza umuco nyarwanda no gushyiraho amategeko agenga imikoreshereze y'indimi. Kumenya indimi z' amahanga ni ingenzi ku Banyarwanda kuko bazihahisha ariko ntizikwiye kumira Ikinyarwanda kuko ari 'Indangamunyarwanda' Nsanzimana (2018).

# UMUTWE WA V: UMWANZURO RUSANGE, INGAMBA N'IBYIFUZO

## INTANGIRIRO

Uyu mutwe ugamije kugaragaza ibyagezweho mu bushakashatsi, gushyira ahagaraga ibyifuzo n'ingamba zafatwa mu rwego rwo gukemura ikibazo k'ivangandimi no gutanga umwanzuro rusange w'ubu bushakashatsi. Muri uyu mutwe turagaragaza icyo ubu bushakashatsi bwagezeho ku kibazo k'ivangandimi, ibyifuzo byatanzwe n'abatangabuhamya n'ibyo twe ubwacu twagize nyuma yo gukora ubu bushakatsi. Turagaragaza kandi icyakorwa mu rwego rwo gukemura ikibazo k'ivangandimi muri IPRC Gishari.

## 5.1. IBYAGEZWEHO MU BUSHAKASHATSI

Ubu bushakatsi bwari bugamije kugaragaza ivangandimi mu banyeshuri ndetse no mu bakozi bo muri IPRC Gishari, gushakisha no kwerekana impamvu zaryo gusesengura amagambo avuka kuri ryo, kugaragaza ingaruka ziterwa n'ivangandimi no gushaka icyakorwa mu gukemura ikibazo k'ivangandimi muri iryo shuri. Kugira ngo izi nteego zigerweho twifashishije uburyo butandukanye bwo gushaka amakuru adufasha kuzigeraho. Ayo makuru twayashakiye ku bakozi makumyabiri n'ikenda ndetse no ku banyeshuri ijana na mirongo itanu na barindwi twahisemo bahagarariye abandi muri iryo shuri. Abakozi twababajije dukoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga naho abanyeshuri tubabaza dukoresheje uburyo bwo kwandika. Amakuru yatanzwe n'ibyo byiciro byombi aruzuzanya.

Intego ya mbere yihariye y'ubu bushakashatsi yagombaga kugaragaza niba muri IPRC Gishari hari ivangandimi. Ikibazo cy'ubushakashatsi cyagombaga gusuzuma niba iyi ntego izagerwaho cyagiraga kiti: "Ese muri

IPRC Gishari hagaragara ivangandimi? Wowe ubwawe se waba uvanga indimi?". Ibisubizo by'iki kibazo byagaragaje ko ivangandimi rihari kandi ko n'abasubije ubwabo bazivanga. Hari ibibazo bindi bishamikiye kuri iki byatanzwe mu gice k'ikusanyamakuru bigamije kurushaho kubona amakuru ahagije. Muri byo harimo icyabazaga ururimi rukunze guhura n'ivangandimi. Abenshi basubije ko ari Ikinyarwanda. Hari kandi ikibazo cyabazaga abanyeshuri niba babona kuganira batavanga indimi bishoboka. Umubare munini wasubije ko bidashoboka.

Intego ya kabiri yagombaga kugaragaza impamvu zitera ivangandimi muri IPRC Gishari. Iyi ntego yari yubakiye ku kibazo kivuga kiti: "Ni iki gitera abanyeshuri n'abakozi bo muri IPRC Gishari kuvanga indimi?". Impamvu zatanzwe ni ukuba hari ibintu bidafite uko byitwa mu Kinyarwanda, gukoresha amagambo ababangukiye y'izindi ndimi bitewe no kubura ay'Ikinyarwanda, gushaka gusobanura ibintu ku buryo butabagoye, kuba indimi bavuga bazizi zose, kwiga indimi zitandukanye icyarimwe, iterambere n'ikoranabuhanga, kwigana imico y'ahandi, gukoresha imbuga nkoranyambaga, kugaragaza ko bazi indimi, ubuhahirane, ubuhunzi, ubushobozi budahagije bwo kuvuga ururimi uru n'uru, kudasobanukirwa neza imikoreshereze y'indimi n'ingaruka kuzivanga byatera no kutamenya indimi neza.

Intego ya gatatu mu zihariye yari igamije gusesengura imiterere y'amagambo akomoka ku ivangandimi. Iyi ntego yari yubakiye ku kibazo kivuga kiti: "Amagambo akomoka kuri iryo vangandimi yasesengurwa ate?" mbere yo kumenya uko ayo magambo yasesengurwa twabanje kubaza niba akuyasesengura bishoboka. Abenshi basubije ko bidashoboka. Abemeje ko bishoboka bagerageje kugaragaza uturemajambo twayo maze ugasanga habanza utw' y'Ikinyarwanda hagaheruka rya jambo uko

ryakabaye mu rurimi rwaryo, rigafatwa nk'igicumbi. Bamwe baragenekereje ayo magambo bayavuga nk'Ikinyarwanda abandi bayarekera mu ndimi zayo.

Intego ya kane yari igamije kugaragaza ingaruka zo kuvanga indimi. Ikibazo cy'ubushakashatsi cyari kijyanye n'iyo ntego cyaravugaga kiti: "Ese kuvanga indimi hari ingaruka byaba bifite? Niba zihari ni izihe?" ababajijwe bose bemeje ko bifite ingaruka maze barazigaragaza. Izo ngaruka ni ukuba Ikinyarwanda gishobora gutakaza umwimerere wacyo, kuba amagambo amwe n'amwe ashobora kuzibagirana, kutamenya Ikinyarwanda neza ku bakiri bato, kutagira ururimi amenya neza mu zo avuga no gutakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda.

Intego ubushakashatsi bwacu bwari bwihaye zisoreza ku yari igamije gushaka icyakorwa mu gukemura ikibazo k'ivangandandimi hagamijwe kubungabunga ururimi rw'Ikinyarwanda. Iyi ntego yari yubakiye ku kibazo kivuga kiti: "Hakorwa iki ngo ikibazo k'ivangandimi muri IPRC Gishari gikemuke?" Icyakorwa kugira ngo ikibazo k'ivangandimi gikemuke twakibajije abakozi maze batugira inama zitandukanye ariko zuzuzanya. Muri zo harimo gukangurira abantu gukoresha indimi neza; gucura amagambo akenewe mu rurimi rw'Ikinyarwanda, kwigisha indimi ku kigero kiruta icyari gisanzwe, gutoza umuco nyarwanda no gushyiraho amategeko agenga imikoreshereze y'indimi.

Dushingiye ku byavuye muri ubu bushakashatsi, dukurikije kandi uko ibisubizo by'ibibazo by'ubushakashatsi byasubijwe, turemeza ko intego twari twihaye zagezweho kandi ko ubushakashatsi bwacu bwasuzumye ibyagombaga gusuzumwa.

## 5.2. IBYIFUZO N'INGAMBA

Nyuma yo kubona igitera ivangandimi no gusobanukirwa ko hari ingaruka rigira ku muryaango mugari no ku benerurimi, abakoreweho ubushakashatsi batanze ibyifuzo bigaragaza icyakorwa mu gukemura ikibazo k'ivangandimi. Ibitekerezo byabo byaduhaye kumva koko ko hari igikwiye gukorwa. Iki gice kiragaragaza ibyifuzo byatanzwe n'abakeshwamakuru n'ibyatanzwe natwe ubwacu.

### 5.2.1. Ibyifuzo n'ingamba byatanzwe n'abakeshwamakuru

Abagize itsinda nkeshwamakuru bifuje ko hakorwa ubukangurambaga bugamije gukangurira abantu kwita ku mikoreshereze y'indimi. Indi ngingo yibanzweho na benshi kandi koko yumvikana, ni icuramuga. Kubera ko byagaragaye ko mu mpamvu zitera ivangandimi harimo no kubura amagambo y'Ikinyarwanda avuga ikintu runaka cyanecyane mu ikoranabunga, hifujwe ko hashakwa amagambo avuga ibintu bitari bifite uko byitwa mu Kinyarwanda. Ikindi kifuzo batanze ni icyo gushishikariza abanyamakuru n'ibindi byiciro bigeza ubutumwa ku Banyarwanda, gukoresha Ikinyarwanda neza batakivanga, kuko akenshi usanga ari ho bituruka.

### 5.2.2. Ibyifuzo n'ingamba bigenewe abenerurimi

Dushingiye ku makuru yavuye muri ubu bushakashatsi agaragaza igitera ivangandimi muri IPRC Gishari n'ingaruka rigira ku Kinyarwanda, turifuza ko abantu bakangukira kwita ku mikoreshereze y'indimi, bakazikoresha neza batazishyamiranya. Buri rurimi rukwiye kugira umwanya warwo hirindwa kuzivangitiranya mu biganiro bya buri munsi kuko bitera abatoya gukura batazi indimi no gukura bazikoresha uko babonye.

### 5.2.3. Ibyifuzo n'ingamba bigenewe abashinzwe uburezi

Nk'uko byagaragajwe n'abakozi batanze amakuru ubu bushakashatsi bwagendeyeho, indimi zose zikoreshwa mu Rwanda zikwiye kwigishwa zikamenywa neza. Ibi byakuraho inkeko yo kuba ivangandimi ryaba riterwa n'uko abazivanga baba nta na rumwe bazi neza. Iki gitekerezo rero turifuza ko cyagera ku bashinzwe uburezi mu Rwanda bakareba uko indimi zigishwa bityo bakaba bagira icyo bongeraho kuri gahunda yari isanzwe. Icyakongerwaho ni igihe giteganyirizwa amasomo y'indimi, kuzigisha mu byiciro byose no mu myaka yose, guhugura abarimu b'indimi, kwita cyane ku Kinyarwanda cyo rurimi kavukire no kurushaho gutegura ibikorwa bikundisha abana Ikinyarwanda.

### 5.2.4. Ibyifuzo n'ingamba bigenewe abandi bashakashatsi

Mu rwego rwo gukumira zimwe mu ngaruka zaterwa n'ivangandimi, turifuza ko habaho itsinda rishinzwe gucura amagambo mashya avuga ikintu cyose kitarabonerwa inyito mu Kinyarwanda. Umuntu ku giti ke na we yagira uruhare muri iki gikorwa, si ngombwa itsinda gusa. Turashishikariza abashakashatsi kubigira ibyabo mu rwego rwo gukungahaza ururimi rw'Ikinyarwanda ku buryo imvugo ngo: "Ikinyarwanda kirakennye" yakwibagirana. Inteko Nyarwanda y'ururimi n'Umuco (2015a: 6) bahumuriza abantu bibaza aho Ikinyarwanda kigana, abavuga ko cyavangiwe n'indimi z'amahanga n'abemeza ko kizacika. Babamara impungenge bababwira ko Ikinyarwanda gikomeye kandi ko gifite ubuzima butajegajega.

Tuboneyeho no kwagura imbago z'ubu bushakashatsi dukangurira bagenzi bacu kwiga ku ivangandimi n'ahandi twe tutageze no gukora ubushakatsi ku icuramuga n'iyandikankoranya ry'Ikinyarwanda tutibagiwe n'iyigarutonde.

## 5.3. UMWANZURO

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko muri IPRC Gishari hari ivangandimi, buzuma impamvu ziritera ndetse bwerekana n'ingaruka zishobora guterwa n'ivangandimi. Impamvu zagaragajwe zashimangiye izari mu nkeko twari dufite mbere yo gutangira ubu bushakashatsi. Muri ubu bushakashatsi kandi twabonye ko hari amagambo avuka ku ivangandimi aba atari Ikinyarwanda kandi atakiri ayo mu ndimi yaturutsemo ahubwo aba yafashe impu zombi. Ibyo twasanze byahungabanya umwimerere w'Ikinyarwanda. Ubu bushakashatsi rero bwatanze umusanzu wo kugaragaza icyakorwa ngo ikibazo k'ivangandimi gikemuke; bugira inama zinyuranye abarebwa n'imikoreshereze y'indimi mu rwego rwo kurushaho guha buri rurimi umwanya warwo hagamijwe ubwuzuzanye.

# INDANGASOKO


Bizimana, S. (2002). *Imitere y'Ikinyarwanda*. igit.3, Butare, IRST.

Gauthier, B. (1984). *Méthodes en sciences sociales*, Dalloz, Paris. https://www.memoireonline.com/08/13/7280/m_The-contribution-of-coffee-crops-to-socioeconomic-development-of-Karenge-sector-in-Rwamagana-distric31.html

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco. (2015a). *Imikoreshereze y'Ikinyarwanda: Ntibavuga-Bavuga-Imfashanyigisho Ibanza.* Kigali: RALC.

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco. (2015b). *Inkingi z'Umuco w'u Rwanda zihutisha Iterambere.* Kigali: RALC.

Martinet, A. (1970). *Eléments de Linguistique générale*, Armand Colin.

Mbarukuze, V. (2009). *Imyigishirize y'izina , ntera, izina ntera n'igisantera mu mashuri yisumbuye.* Kigali, KIE.

Mukama, E. & Nkusi, L. (2019). *Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu*. Cape Town: African Minds.

Nicolas, C. (1998). *Socialinguistics: Theoretical Debates*. Cambridge University Press.

Niyomugabo, C. (2016). "*Dynamique des langues au sein du Collège de l'éducation de l'Université du Rwanda*" in *Synergies Afrique des Grands Lacs*.

Nsanzabiga, E. (2012). "*From the "trapped language" to hybridized language. An Educational dilemma in teaching kinyarwanda*" in *Rwanda Journal of Education.*

Nsengiyumva, E. (2015). *L'esthétique du métissage dans l'oeuvre romanesque d'Henri Lopes*, Queen's University, Kingston, Ontario, Canada.

Nuranindya, D. C. (2011). *Analysis of Code Switching and Code Mixing in the Teenlit Canting*

Selt, Z et al. (1997). *Les méthodes de recherches en sciences*, Montreal: HWR

Shyirambere, S (1978). *Contribution à l'étude de la Sociolinguistique du Bilinguisme Kinyarwanda et français au Rwanda*, SELAF-Paris.

Twilingiyimana, C. (1994). *Les emprunts du Kinyarwanda au français: quelques procédés d'intégration.* Africana LingusticaXI, Annales du Musée Royal de l'Afrique Centrale, Sciences Humaines vol.142, Tervuren.

Twizeyimana, T. (2021). *Impact of code switching on the quality of interpreting*: *The case of Rwanda Parliament*. Huye: University of Rwanda.

Nsanzimana, E. (2018.2.4). *Kuba Umunyarwanda asuhuza undi Munyarwanda mu Cyongereza biteye isoni.* Available at *https://umuryango.rw/amakuru/mu-rwanda/politiki/article/kuba-umunyarwanda-asuhuza-undi-munyarwanda-mu-cyongereza-cyangwa-mu-gifaransa*.

# IMIGEREKA

**UMUGEREKA WA MBERE**

**COLLEGE OF EDUCATION**

Itariki………………………

Bwana/Madamu/Madamazera……………………………………..

Nejejwe no kubandikira mbasaba ubufatanye mu gusubiza ibibazo by'ubushakashatsi biri ku mugereka w'iyi baruwa.

Nitwa UWAMARIYA Jacqueline; ndi umunyeshuri muri Kaminuza y'u Rwanda Koreji y'Uburezi mu kiciro cya gatatu cya Kaminuza muri Koreji y'Uburezi (Masters of Education Kinyarwanda Education, UR/CE). Ndi gukora ubushakashatsi ku nsanganyamatsiko igira iti: "**Ivangandimi mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi ngiro ry'i Gishari"**

Ubu bushakashashatsi bugamije guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda hitawe ku kureba imikoreshereze yarwo n'imibanire yarwo n'izindi ndimi.

Mwatoranyijwe nk'abantu tubona ko mwadufasha gutanga ibitekerezo ku bibazo byateguwe kuri ubu bushakashatsi. Nabasabaga kumfasha mugasubiza ibibazo biri ku mugereka w'iyi baruwa kandi igisubizo icyo ari cyo cyose kizakirwa. Ibitekerezo byanyu ni ingirakamaro kandi bizamfasha kugera ku nteego z'ubu bushakashatsi.

Mbijeje ko amakuru muzampa nzayifashisha muri ubu bushakashatsi gusa kandi ko mwemerewe kwisubiraho igihe mwumvise ari ngombwa.

Murakoze!

**UWAMARIYA Jacqueline**

**UMUGEREKA WA KABIRI**

**<u>Ibibazo bigenewe abanyeshuri biga muri IPRC GISHARI</u>**

**Umwaka usubiza yigamo**…………………………..

**Igitsina:** Gabo ☐ Gore ☐

**Ikigero k'imyaka:** 15-20 ☐ 21-25 ☐ 26-30 ☐ 30+ ☐

1. Iyo abanyeshuri baganira wumva bavanga indimi? Yego ☐ Oya ☐

2.Yego, ubyumva ku ruhe rugero? Rimwe na rimwe ☐ Buri gihe ☐

3. Ese wowe ubwawe ujya uvanga indimi mu biganiro? Yego ☐ Oya ☐

4. Ese utekereza ko kuvanga indimi mu biganiro bifitanye isano n'igitsina cy'abaganira, urugero nk'abakobwa cyangwa abahungu? Yego ☐ Oya ☐

5. Niba ari Yego, ubona abakunda kuvanga indimi ari ba nde? Abahungu ☐ Abakobwa ☐

6. Ese ubona umunyeshuri wiga muri IPRC GISHARI byamushobokera kuganira atavanga indimi? Yego ☐ Oya ☐

7. Abavanga indimi babikora iyo bari kuvuga uruhe rurimi? Ikinyarwanda ☐ Icyongereza ☐ Igifaransa ☐ Igiswayire ☐

8. Ukeka ko ari hehe abanyeshuri biga muri IPRC Gishari bavanga indimi cyane kurusha ahandi? Iyo baganira hagati yabo ☐ Iyo bari mu rugo ☐ Iyo baganira n'abanyeshuri bo mu yandi mashuri ☐ Ntaho ☐

9. Ese iyo abanyeshuri bari kuganira n'abayobozi cyangwa abarimu muri IPRC Gishari nabwo bavanga indimi? Yego ☐ Oya ☐

10. Ese hari ahandi ujya wumva ivangandimi hatari muri IPRC Gishari?
Yego ☐ Oya ☐

Niba ari Yego, ni nka hehe?..........................................................................................

11. Ni iki ukeka cyaba gitera abanyeshuri kuvanga indimi?..............................................................................................
.......................................................................................................
.......................................................................................................

12. Tanga amagambo atanu agaragaramo uruvange rw'indimi mu Kinyarwanda akoreshwa muri IPRC Gishari.

…………………………………………………..

………………………………………………….

………………………………………………….

………………………………………………….

…………………………………………………

13. Ukeka ko byagenda bite uramutse uvanze ururimi uwo muri kuganira atazi mu Kinyarwanda muri kuganira ?
.......................................................................................................
.......................................................................................................
.......................................................................................................

14. Ese amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zikurikira yabonerwa uturemajambo ? ……………..

Niba ari yego tugaragaze.

- Yagiye gusuura **umucheri** we…………………………………

- **Amaclass** yose arafunze……………………………………….

- Nahuye n'**umulecturer** wa ICT………………………………..

- Uriya turi mu **iteam** imwe………………………………………..

**MURAKOZE!**

**UMUGEREKA WA GATATU**

**IBIBAZO BIGENEWE ABAKOZI BA IPRC GISHARI**

**Umwirondoro w'ubazwa:**

**Ikigero ke mu myaka:**

20-25 ☐

26-30 ☐

31-35 ☐

36-40 ☐

41+ ☐

**Icyo akora :** Umwarimu ☐ Undi mukozi ☐

1. Ni uruhe rurimi rukoreshwa cyane muri IPRC Gishari ?

- Ikinyarwanda ☐

- Icyongereza ☐

- Igifaransa ☐

- Igiswahili ☐

- Imvange y'Ikinyarwanda n'Igifaransa ☐

- Imvange y'Ikinyarwanda n'Icyongereza ☐

- Imvange y'Ikinyarwanda, Igifaransa n'Icyongereza ☐

2. Ese birashoboka ko abantu bahuriye hamwe bazi indimi nyinshi baganira batazivanga ? YEGO ☐ OYA ☐

Niba ari oya, ni iki kibatera kuzivanga ?

.....................................................................

3. Ese muri IPRC Gishari na ho hagaragara ivangandimi ? YEGO ☐
   OYA ☐
4. Niba ari yego, hagaragara ivangandimi riteye rite ?

- Ivangandimi mu nteruro (urugero: Tugiye gutangira semester one ntabonye leave) ☐

- Ivangandimi mu ijambo (urugero: umuteacher ☐

- Byombi birahari ☐

5. Kuvanga indimi mubona ari ikosa rikomeye ? YEGO ☐
OYA ☐

6. Mubona kuvanga indimi hari ingaruka byagira ku Kinyarwanda ?
YEGO ☐ OYA ☐

Niba zihari ni
izihe ?.........................................................................................................

…………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………
………………………………

7. Ni iki cyakorwa kugira ngo ikibazo k'ivangandimi gikemuke ?

…………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………

**MURAKOZE!**

**UMUGEREKA WA KANE**

**UWAMARIYA Jacqueline**
**MED/ Kinyarwanda/ UR-CE**
uwajacky2013@gmail.com
Tel: 0783617965
Kigali, ku wa 08/3/2022

Bwana Umuyobozi w'Ubushakashatsi na Inovasiyo,

Kaminuza y'u Rwanda, Koreji y'Uburezi

Binyujijwe:

**Mwarimu NIYOMUGABO Cyprien**

niyomugabocyprien@gmail.com

Umuyobozi w'Ubushakashatsi

Umukono:………………..

**Impamvu: Gusaba uburenganzira bwo gukusanya amakuru y'ubushakashatsi**

Bwana Muyobozi;

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa mbasaba uburerenganzira bwo gukusanya amakuru ku mushinga w'ubushakashatsi bwange bufite umutwe nise **"Ivangandimi mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi ngiro ry'i Gishari"** Ubu bushakashatsi tukaba twarahisemo ko buzakorerwa mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi ngiro ry'i Gishari.

Mu by'ukuri rero Bwana Muyobozi, ndi umunyeshuri usoza amasomo y'Ikiciro cya Gatatu muri Kaminuza y'u Rwanda, Koreji y'Uburezi (Masters of Education Kinyarwanda Education, UR/CE). Nkaba nifuza urwandiko rwa Kaminuza runyemerera gukusanya amakuru ku bushakashatsi bwange.

Mu gihe ntegereje igisubizo cyanyu kiza, mbaye mbashimiye.

**UWAMARIYA Jacqueline**

**UMUGEREKA WA GATANU**

**RETHC: Ethical Research Approval Form**

***Directorate of Research and Innovation (UR-DRI)***

**SECTION A: Project Information**

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Project title: Ivangandimi mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi ngiro ry'i Gishari** | | | |
| **Investigator:** | UWAMARIYA Jacqueline | | |
| **Student No.** | 219015943 | | |
| **Co-Investigators** (if applicable): | | | |
| **Supervisor**: Prof. Cyprien NIYOMUGABO<br>**Co-Supervisor:** Mr. BAYAVUGE Jules | | | |
| **Contact details of Investigators:** | ***Phone***<br>0783617965 | ***Fax*** | ***E-mail:***<br>***uwajacky2013@gmail.com*** |
| **Degree enrolled in** | Masters of Education in Kinyarwanda Education | | |
| **Project location:** | Akarere ka Rwamagana | | |
| **Project duration:** | Amezi Ikenda (9) | | |

**SECTION B: Ethical Review Application (***To be filled by Applicant (s))*

**Please answer all of the following questions**

| 1. **Who are the research participants and how will they be recruited?** |
|---|
| Abazagira uruhare muri ubu bushakashatsi ni<br>➢ Abakozi bo muri IPRC Gishari<br>➢ Abanyeshuri bo muri IPRC Gishari |
| |
| **Provide a brief summary of the project:** Umutwe w'ubushakashatsi bwange "Ivangandimi mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyingiro ry'i Gishari". Uyu mushinga watekerejwe hagendewe ku kwibaza impamvu itera ivangandimi muri iryo shuri haba mu banyeshuri ndetse no mu bakozi. Uyu mushinga ukaba ugamije kugaragaza indimi n'amagambo bikoreshwa n'abakozi ndetse n'abanyeshuri bo mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyingiro ry'i GISHARI; gusesengura intêgo y'ayo magambo no kugaragaza indimi zitandukanye akomokamo; gushakisha ndetse no kwerekana impamvu y'ivangandimi no kugereranya imikoreshereze y'indimi z'abantu bahuye baziziranyeho ari nyinshi kugira ngo twanzure niba koko kuzivanga ryaba ari ishyano cyangwa indwara yagwiriye icyo kigo nibiba ngombwa hashakwe umuti w'icyo kibazo hakiri kare. |

1. **Outline the research plan:**

| Nº | Activities | Months | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | May | June | Jully | Aug | Sep | Oct | Nov | Dec | Jan |
| 1 | Gutegura imbanzirizamushinga | V | V | V | V | V | V | V | V | |
| 2 | Gusaba uburenganzira bwo gukora ubu hakashat s . | | | | | | | | | |
| 3 | Gutegura ibibazo bizabazwa. | | | | | | | | | |
| 4 | Gukusanya amakuru. | | | | | | | | | |
| 5 | Gusesengura amakuru | | | | | | | | | |
| 6 | Kwandika iny ndiko y'ubushakashatsi. | | | | | | | | | |
| 8 | Kumu ika inyandiko. | | | | | | | | | |

2. **How will informed consent be obtained from participants?**

Umushakashatsi namara kwemererwa, azajya kureba abayobozi ba IPRC Gishari kugira ngo abasabe uburenganzira bwo kuvugana n'abakozi ndetse n'abanyeshuri bo muri iryo shuri. Azajya no kureba abayobozi b'udushami (Heads of Departments) kugira ngo bahe uburenganzira abanyeshuri bwo gutanga amakuru.

Abakeshwamakuru bazasobanurirwa impamvu y'ubushakashatsi, ndetse banasabwe kwemera ku bushake gufatanya na twe mu bushakashatsi.

| |
|---|
| |
| 3. **Provide details of procedures for establishing confidentiality and protecting privacy of participants.**<br>Amakuru azahabwa, umushakashatsi azayabika neza, ayifashishe mu bushakashatsi bwe gusa, nta nkurikizi yindi ku bamuhaye amakuru. Kandi ibi bizamenyeshwa umukeshwamakuru. |
| 4. **Provide details of data collection, security and storage:**<br>Abakeshwamakuru bamaze kumwemerera gufatanya natwe mu bushakashatsi, umushakashatsi azatanga impapuro z'ibibazo, hanyuma abakeshwamakuru basubize nibarangiza bamusubize impapuro. Aho bizaba ngombwa, umushakashatsi azasiga impapuro, hanyuma nibarangiza gusubiza azagaruke kuzifata.<br><br>Impapuro ziriho amakuru yatanzwe zizabikwa mu myaka itanu, kandi zizabikwa neza. amakuru arimo azifashishwa mu bushakashatsi gusa.<br><br>Ku bazatanga amakuru atanditswe na bo nibamara kutwemerera kuduha ikiganiro kigamije kubabaza, ikiganiro kizabikwa neza mu gihe k'imyaka 5 |
| 5. **Give details of whether and/or how feedback will be available to participants:**<br>Kubera ko ubushakashatsi buzibanda ku kugaragaza imiterere y'Ikinyarwanda gikoreshwa muri IPRC Gishari, hibandwa cyane ku kibazo k'ivangandimi hagamijwe kwiga ku mpamvu ziritera, ibizava mu bushakashatsi bizafasha Abanyarwanda bazasoma ubwo bushakashatsi igihe buzaba bwagiye ahagaragara kumenya imibanire y'indimi. |
| 6. **Does the project involve any of the following procedures?** |
| a) |
| b) Participant involvement by any "vulnerable groups." (If YES, give details), **Oya** |
| **c) Does the project involve any other disciplines and/or Ethics Committees?** (If YES, please state which and what approval has already been obtained - attach |

| | | |
|---|---|---|
| | documentation), **Oya** | |
| d) | **Will payments to participants be made?** (If YES, state amount and whether payment is for out-of-pocket expenses, or a fee.): **Oya** | |
| e) | Will the project receive financial support?<br><br>**(i)** If YES, specify the nature and source of the support: If YES, have any restrictions been imposed upon the conduct of the research? (If YES, specify the nature of the restrictions): **Ntayo** | |
| f) | Will any restrictions be placed on the publication of results? (If YES, please state the nature of the restrictions): **Oya** | |
| g) | Are there any other points you wish to make in justification of the proposed study? **Oya** | |
| h) | **Please complete the items on the checklist shown below.** (Write either YES or NO in the box following each item) | ***Yego/Oya*** |
| | (i) Have you completed all the questions on this form that are applicable to your project? | Yego |
| | (ii) Have you attached an informed consent form (see below)? | Yego |
| | (iii) Have you attached a sample questionnaire or interview schedule (if applicable)? | Yego |

Signature of Jacqueline: Date: 08 March 2022

**SECTION C: Ethical Scrutiny by supervisor**

To be completed by supervisor:

This research is considered ethically acceptable. It does not involve any of the following:

- research on live animals other than non-intrusive observational studies in the wild
- research involving children under the age of 16, people diagnosed as suffering from a serious physical or mental disease or handicap, people who have undergone what would generally be regarded as traumatic experiences related to the area of research now or in the past, or people who would be judged by any reasonable person to be especially vulnerable
- experiments or clinical trials carried out on human subjects
- a power relationship such as teacher/pupil, doctor/patient, employer/employee
- covert methods or where informed consent cannot or will not be sought, except for research on 'public situations' such as the behaviour of crowds or groups of people in circumstances where the researcher has a right to be present.
- research where the identity of the subjects/informants/participants cannot be concealed, unless they are specifically to be make aware of this and provide their signed consent
- research, which might reasonably be judged at risk of causing harm, distress or discomfort to people or groups (including social stigmatization/penalty, commercial disadvantage or environmental damage or degradation)

Signature: …………………… **Name: Prof. Cyprien Niyomugabo**



Date: 08 /03/ 2022

**SECTION D: Ethical Review by Chairperson of Review Committee**

To be completed by chairperson of University or College RESC (whichever applies):

[Ring the identification letter of one statement]

A. This research may proceed without further review

B. This research may not proceed; it clearly breaches ethical guidelines without providing justification, or it contravenes a decision already taken by the RESC.

C. This research should be referred to the full RESC.

Reasons:

Signature:______________________ Name: ________________________________________

Chairperson University or College RES-C (whichever applies)

Date: ________/___________/ ____________

dd mm yyy

To be completed after a full University or College RESC meeting (whichever applies):

[Ring the identification letter of one]

A. This research may proceed

B. This research may proceed if the conditions below are implemented.

C. This research may not proceed.

Reasons (and conditions, if appropriate):

Signature:_________________________ Name: ____________________________________

Chairperson

University or College RES-C (whichever applies)

Date: ________/___________/ ____________

dd mm yyy

## UMUGEREKA WA GATANDATU

UNIVERSITY of RWANDA

COLLEGE OF EDUCATION

**RESEARCH AND INNOVATION UNIT**

Rukara, 16th May 2022
Ref: 03/DRI-CE/077/EN/gi/2022

**The Principal**
**IPRC Gishari**
**Rwamagana, Eastern Province**
**Rwanda**

**Re: Research recommendation letter for Mrs. Jacqueline UWAMARIYA**

On behalf of the University of Rwanda-College of Education (UR-CE), I am pleased to introduce Mrs. **Jacqueline Uwamariya**, a post-graduate student at the School of Education of UR-CE. Mrs. Uwamariya is writing her thesis on **"*Ivangandimi mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi ngiro ry'i Gishari.*"** to complete her Master of Education in Kinyarwanda Education. Her research will involve IPRC-Gishari students and staff members. Therefore, she is requesting permission to collect data from identified research participants of your institution.

Mrs. Uwamariya's research project passed successfully through an internal collegial ethical process. Thus, the University of Rwanda-College of Education: Directorate of Research and Innovation confirms that her research adheres to ethical standards and principles. Therefore, we kindly request you to accord her your cooperation in this research.

We very much hope to get your cooperation.

Yours sincerely.

COLLEGE OF EDUCATION — UNIVERSITY of RWANDA — RESEARCH AND INNOVATION UNIT

**Digitally signed by**
**UR (Rukara, Directorate of Research & Innovation)**
**Date: 2022.05.16**
**Time: 14:35:16 +2'00**

**Assoc. Prof. Eugene Ndabaga**
Director of Research and Innovation
University of Rwanda-College of Education
E-mail: ndabagav@yahoo.ie
Mobile: +250788308862

Cc:

- Principal, UR-CE
- Postgraduate Program Coordinator, School of Education
- Prof. Cyprien Niyomugabo (Supervisor)
- Mr. Jules Bayavuge (Supervisor)

EMAIL: dri.ce@ur.ac.rw P.O. Box: 55 Rwamagana WEBSITE: www.ur.ac.rw

UMUGEREKA WA KARINDWI

UWAMARIYA Jacqueline

MED/ Kinyarwanda/ UR-CE

Tel: 0783617965

Kigali, ku wa 17/05 /2022

To the Principal IPRC Gishari

Through DPAT

**Re: Requesting permission to collect data from IPRC Gishari participants**

Dear Sir,

I am pleased to write this letter in order to ask for a permission to collect data from students and staff members.

In fact, I am a post graduate student at the School of Education of UR-CE. I am doing the Master of Education in Kinyarwanda Education. To complete my studies, I am conducting a research on ***“Ivangandimi mu Ishuri Rikuru ry’Imyuga n’Ubumenyi ngiro ry’i Gishari*”.**

As my research will involve IPRC Gishari students and staff members, I would like to request the permission to collect data from the identified population of your Institution.

I promise you that the information needed will be only used in this research work.

I hope to get your cooperation.

Respectfully yours,

UWAMARIYA Jacqueline